# Imvaho Nshya

Soma Usobanukirwe Buri Munsi

Nº. E-60 TARIKI 12-18 GICURASI 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw Ikiguzi 1000 Frw






AMAKURU
Afurika ibyaje umusaruro umutungo ifite yaba umugabane ukize ku Isi - Perezida Kagame

2

AMAKURU
Dr. Nsengiyumva yasabye abarangije amasomo muri RP kudakangwa n'ibihe

4

AMAKURU
Perezida Museveni yarahiriye kongera kuyobora Uganda muri manda ya 7

11

MU NTARA
Rusizi: Abanyarwanda 19 batahutse bavuye mu mashyamba ya RDC

19


## OMS yaburiye ibihugu bituranye na Uganda na RDC byagaragayemo Ebola

**KAMALIZA Agnes**

***Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Buzima (OMS) ryatangaje ko icyorezo cya Ebola cyagaragaye muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo, (RDC) cyadukiriye na Uganda kandi ibihugu bituranye biri mu byago bitewe n'ikwirakwira ryacyo.***

OMS yavuze ko Ebola ari ikibazo cy'ubuzima rusange gihangayikishije Isi nyuma yuko abantu barenga 300 bo muri ibyo bihugu ibagaragayeho, abandi 88 ikabica.

Mu butumwa Umuyobozi Mukuru wa OMS, Tedros Adhanom Ghebreyesus yanyujije ku mbuga nkoranyambaga ku Cyumweru tariki ya 17 Gicurasi 2026, yavuze ko iki cyorezo nubwo kitaruzuza ibisabwa ngo cyitwe icyorezo gikomeye, (pandemic) ariko ko ibihugu bituranye biri mu byago bikomeye byo kucyandura kubera uko gikwirakwira.

OMS yavuze ko iki cyorezo gishobora gukara cyane bitewe n'uko ibipimo bya mbere byagaragaje umubare munini w'abanduye ndetse n'uburyo umubare w'abandura ukomeza kwiyongera.

Inzego z'ubuzima zemeje ko icyorezo kiriho ubu giterwa na virusi ya Bundibugyo (Bundibugyo virus disease

KOMEZA KU RUP.3

# Kigali: Abakuru b'Ibihugu bitabira Inama Nyafurika yiga ku ngufu za Nikeleyeri




**U Rwanda rwakiriye inama yiga ku mikoreshereze y'Ingufu za Nikeleyeri muri Afurika**

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Guhera kuri uyu wa Mbere tariki ya 18 kugeza 21 Gicurasi 2026, u Rwanda rurakira Inama Nyafurika yiga ku mikoreshereze y'Ingufu za Nikileyeri muri Afurika (Nuclear Energy Innovation Summit for Africa), Abakuru b'Ibihugu batatu bakaba ari bo bamaze kwemeza ko bazayitabira.***

Abo ni Perezida wa Repubulika Paul Kagame ari na we uzayifungura ku mugaragaro, Perezida wa Repubulika Yunze Ubumwe ya Tanzania Samia Suluhu Hassan na Perezida wa Togo Faure Essozimna Gnassingbé.

Mu bandi banyacyubahiro bazitabira harimo ba Minisitiri, abahagarariye ibigo bishinzwe kugenzura imikoreshereze y'ingufu za Nikeleyeri mu guharanira iterambere, abahagarariye ibigo by'imari, ibigo by'ikoranabuhanga n'abayoboye inganda zitandukanye.

Iyi nama izateranira i Kigali ku nshuro ya kabiri yikurikiranya, izanitabirwa n'abayobozi bahagarariye ibigo mpuzamahanga bitunganya ingufu za Nikeleyeri, barimo Umuyobozi w'Ikigo Mpuzamahanga gishinzwe Ingufu za Atomike (IAEA) Rafael Mariano Grossi, Umuyobozi w'Ishyirahamwe Mpuzamahanga ry'abatunganya ingufu za Nikeleyeri (WNA) Dr. Sama Bilbao y León, n'Umuyobozi w'Ikigo cy'Umuryango w'Ubufatanye mu Bukungu (OECD) gishinzwe gutunganya ingufu za Nikeleyeri (NEA) William D. Magwood IV.

Hari kandi Perezida w'Imirikabikorwa Mpuzamahanga ry'Ingufu za Nikeleyeri akaba na Ambasaderi w'u Bufaransa Sylvie-Agnès Bermann, Impuguke mu by'ubukungu muri Komisiyo y'Ubukungu y'Umuryango w'Abibumbye muri Afurika (UNECA) Hanan Morsy na Dr. Lassina Zerbo, Umujyanama wa Perezida akaba n'Umuyobozi Mukuru (Chairman) w'Ikigo cy'u Rwanda gishinzwe ingufu za Atomike (RAEB).

KOMEZA KU RUP.3

# Afurika ibyaje umusaruro umutungo ifite yaba umugabane ukize ku Isi - Perezida Kagame




Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame asanga umutungo w'Afurika uhagije kugira ngo igire iterambere rirambye



Perezida Paul Kagame na Madamu Jeannette Kagame ni bamwe mu banyacyubahiro bitabiriye itangizwa ry'Inama ya Africa CEO Forum ibaye ku nshuro ya 13

ZIGAMA Theoneste

***Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Paul Kagame, yavuze ko Afurika ifite amahirwe menshi yo kuba umugabane ukize ku rwego rw'Isi, ariko ko ikibura ari ukubyaza umusaruro umutungo ifite urimo ingufu zitangiza ibidukikije, amabuye y'agaciro akenewe cyane ku Isi ndetse n'umubare munini w'abaturage bafite imbaraga zo gukora.***

Yashimangiye ko ibihugu bya Afurika bikwiye gushyira hamwe no gufata ingamba zo kubibyaza umusaruro aho gukomeza gutakaza ayo mahirwe cyangwa gukomeza kwishingikiriza ku yindi migabane. Yabigarutseho ku wa Kane tariki ya 14 Gicurasi 2026, mu kiganiro yahaye abitabiriye Inama Mpuzamahanga y'Iminsi ibiri y'Abayobozi Bakuru b'Ibigo bikomeye by'ubucuruzi muri Afurika, Africa CEO Forum 2026, yitabiriwe n'abasaga 2800, iri kubera i Kigali.

Ni inama yitabiriwe n'Abakuru b'Ibihugu na za Guverinoma zitandukanye muri Afurika, abayobozi b'ibigo by'ubucuruzi, abashoramari ndetse n'abafatanyabikorwa baturutse hirya no hino ku Isi bagamije kuganira ku iterambere ry'ubukungu n'ishoramari ku mugabane wa Afurika.

Perezida Kagame yabwiye abitabiriye iyi nama ko ibibazo byugarije Isi atari bishya, kuko byahozeho kandi bizakomeza kubaho bitewe n'imiterere y'ibihe n'uburyo Isi iyobowe, yibutsa Abanyafurika ko bakwiye gusobanukirwa neza umwanya bafite mu guhangana n'izo mbogamizi. Yagize ati: "Mu binyejana bishize habaye ibibazo ku Isi, birimo ubucakara, ubukoloni, intambara n'ibyorezo, kandi bizakomeza kubaho bitewe n'ibihe.

Yunzemo ati: "Twe nk'Afurika dukwiye kumenya aho duhagaze. Dufite abantu benshi bafite ibitekerezo bisobanutse kandi bitwigisha, ariko ntabwo dukwiye kuguma gutyo gusa." Perezida Kagame yavuze ko Afurika ikeneye kubyaza inyungu amahirwe ifite kugira ngo igere ku iterambere rirambye.

Yagize ati: "Nimureba urwego rw'ingufu zitangiza ibidukikije, Afurika ni yo ifite 60% by'ingufu z'amashanyarazi akomoka ku mirasire y'izuba ku Isi. Ni ukuvuga ko 60% by'ayo mahirwe yose aboneka muri Afurika. Amabuye y'agaciro akenewe cyane hafi ya yose menshi aboneka kuri uyu Mugabane, cyane cyane ayifashishwa mu gukora batiri n'ibindi bikoresho bitandukanye.

Ibihugu bikomeye ku Isi birimo kuyashaka cyane. Ariko Afurika ifite byinshi muri iyo mitungo, ikomeje guceceka cyangwa ikabigurisha ku giciro gito cyane ku bafite ubushobozi n'imbaraga, kandi bo bafite gahunda zisobanutse z'icyo bashaka kubikoresha."

Yakomeje avuga ati: "Afurika ifite abaturage benshi kandi bafite imbaraga. Mu by'ukuri, bishobora kuba ubu cyangwa mu myaka mike iri imbere, Afurika izaba ifite icyiciro cy'abantu bafite ubushobozi buringaniye (middle class) kinini kurusha ahandi hose ku Isi. None se twaba dufite uyu mutungo kamere wose, hanyuma tugakomeza kwibaza uburyo twakemura ibibazo biterwa na politiki mpuzamahanga cyangwa ibibazo by'ihungabana ry'ubukungu tubona hirya no hino?"

Umukuru w'Igihugu yashimangiye ko Afurika ikwiye gushyiramo imbaraga zose zishoboka no gushyira hamwe mu rwego rwo kwiteza imbere. Ati: "Icy'ingenzi ni ugufata ingamba no kugira icyo dukora. Ibindi twese turabizi. Njye mbona dutakaza byinshi kurushaho igihe tudakora ibyo tugomba gukora."

Umuyobozi Mukuru w'Ikigega Mpuzamahanga cy'Imari (International Finance Corporation, IFC, Makhtar Diop, yavuze ko Isi iri mu bihe by'imivurungano ikomeye, aho amakimbirane ari hirya no hino akomeje kugira ingaruka zikomeye ku bukungu bw'ibihugu byinshi.

Yagaragaje ko izamuka ry'ibiciro by'ibiribwa, kwiyongera kw'imyenda y'ibihugu ndetse no kuzamuka kw'ibiciro by'imari ku masoko mpuzamahanga biri mu bibazo bikomeje gukoma mu nkokora ubukungu bw'ibihugu bikiri mu nzira y'amajyambere.

Diop yavuze ko ibi bibazo byose bigaragaza ko nta terambere rirambye rishoboka hadashyizweho urufatiro rukomeye rw'ubukungu, ashimangira ko ubushobozi bwo guhangana n'ibibazo butegurwa mbere y'uko biza binyuze mu micungire myiza y'imari n'igenamigambi rihamye. Yavuze kandi ko nubwo Isi iri mu bihe bikomeye, Afurika ikomeje kuba imwe mu nkingi z'ingenzi z'ubukungu bw'ejo hazaza bitewe n'umubare munini w'urubyiruko ruyituye.

Ati: "Afurika yo munsi y'Ubutayu bwa Sahara ifite 60% by'abaturage b'Isi bari munsi y'imyaka 25. Mu gihe kizaza cya vuba, umwe muri batatu bakora ku Isi azaba ari Umunyafurika." Diop yashimangiye ko abikorera bafite uruhare rukomeye mu guhanga imirimo, kuko imirimo icyenda muri icumi mu bihugu bikiri mu nzira y'amajyambere itangwa n'urwego rw'abikorera.

Yavuze ko Afurika ikwiye guhuza impano z'urubyiruko rwayo, imari ndetse n'amasoko yayo kugira ngo ibyo bihinduke imbarutso yo guhanga imirimo mishya no kuzamura ubukungu bw'umugabane. Yanagarutse ku kamaro k'ishoramari mu rwego rw'ingufu n'ibikorwaremezo, avuga ko nta gihugu cyigeze gikora inganda kidafite amashanyarazi yizewe.

Yavuze ko binyuze muri gahunda yiswe Mission 300, IFC iri gukorana n'abafatanyabikorwa batandukanye mu kugeza amashanyarazi ku Banyafurika miliyoni 300 hifashishijwe imiyoboro ihuza ibihugu (mini-grids) ndetse n'izindi ngomba zo kugeza amashanyarazi ku baturage batayafite.

Diop yashimye uruhare rw'u Rwanda mu guteza imbere ingufu zitandukanye ku mugabane wa Afurika, harimo uburyo ingufu za nikeleyiri zakwifashishwa nk'imwe mu nzira zo gukemura ikibazo cy'ingufu ku mugabane.

# Kigali: Abakuru b'Ibihugu bitabira Inama Nyafurika yiga ku ngufu za Nikeleyeri

IBIKURIKIRA URUP.1

Iyi nama kandi izitabirwa n'abahagarariye ibigo by'imari n'abaterankunga ku rwego mpuzamahanga nka Banki y'Isi, Banki Nyafurika Itsura Amajyambere (AfDB), Banki y'Ubucuruzi n'Iterambere (TDB), Banki y'Iterambere rya Afurika y'Iburasirazuba (BOAD), ibigo by'abashoramari batandukanye ndetse n'abahagarariye ibigega Mpuzamahanga.



U Rwanda rubona ingufu za Nikeleyeri nk'izingiro ry'iterambere rirambye

Ni inama kandi yitabirwa n'abagurisha ikoranabuhanga rigezweho mu gutunganya no gukwirakwiza ingufu za Nikeleyeri baturutse muri Leta Zubze Ubumwe za Amerika (USA), mu Bufaransa, mu Burusiya no mu Bushinwa, aho bagaragaza iterambere ry'inganda nto n'iziringaniye zitunganya izi ngufu. Insanganyamatsiko y'uyu mwaka iragira iti: "Kubaka ahazaza ha Afurika binyuze mu kubyaza umusaruro ishoramari rishingiye ku Ngufu za Nikeleyeri"

Biteganywa ko iyi nama y'iminsi ine izasoza hashyizweho gahunda ihamye yo gukusanya ubushobozi bukenewe bwo kongera imikoreshereze y'ingufu za Nikeleyeri ku mugabane wa Afurika. Nanone kandi iyi nama izafasha mu gutangiza imikoranire y'inzego z'Uturere twa Afurika, gusaba inzego zitandukanye gukora imishinga ibyara inyungu yashorwamo imari, gutegura gahunda z'ingenzi zigomba guherwaho no gutegura inzego, bikajyana no gutegura inama y'ubutaha y'umwaka wa 2027.

Biteganyijwe kandi ko muri iyi nama hazasinyirwaho amatangazo n'amasezerano atandukanye hagamijwe kurushaho guteza imbere urwego rw'ingufu za Nikeleyeri muri Afurika. Iyi nama izakirirwa i Kigali mu gihe u Rwanda rumaze imyaka myinshi cyane rutegura ibikenewe byose mu buryo bwa tekiniki n'imirimo ikenewe gukorwa kugira ngo haboneke uruganda ruto rutunganya ingufu za Nikeleyeri bitarenze mu mwaka wa 2030.

U Rwanda rwiteguye gushora tiliyari 8,7 z'amafaranga y'u Rwanda mu kubaka uruganda ruto rutunganya ingufu za Nikeleyeri zitezweho kuzifashishwa mu bikorwa bya gisivili gusa, by'umwihariko mu kongera ingufu z'amashanyarazi ndetse no mu bikorwa by'ubuvuzi.

Mu mwaka wa 2023, u Rwanda rwasinyanye amasezerano n'Ikigo Dual Fluid Energy Inc. gikorera mu Budage no muri Canada, ari na cyo cyitezweho kuzana ikoranabuhanga ryo gutunganyiriza ingufu za Nikeleyeri mu Rwanda.

# OMS yaburiye ibihugu bituranye na Uganda na RDC byagaragayemo Ebola

IBIKURIKIRA URUP.1

– BVD), ubwoko budasanzwe bwa Ebola butarabona imiti cyangwa inkingo byihariye.

Iyi virusi ikunze kwica abantu benshi kandi ikandura vuba, itera umuriro, kuribwa mu mubiri, kuruka no guhitwa; ikwirakwira binyuze mu guhura n'amatembabuzi y'uwanduye, ibikoresho byanduye, cyangwa ku mirambo y'abapfuye bazize iyo ndwara.

OMS igaragaza ko kugeza ubu RDC ari yo ifite umubare munini w'abanduye mu gihe muri Uganda hamaze kugaragarara abantu babiri kuva byatangazwa ku wa 16 Gicurasi ko cyahageze.

Umuntu wagaragayeho Ebola muri Uganda yari avuye muri RDC yaje gupfira mu bitaro byo mu murwa mukuru Kampala, nyuma OMS yemeza ko hari undi murwayi wa kabiri wagaragaye i Kampala, isobanura ko abo bombi bigaragara ko ntaho bahuriye ariko bose bari bavuye muri RDC.

OMS yavuze ko iki cyorezo kiri hagati ya RDC na Uganda gishobora guteza ibyago ku bihugu bituranye, isaba gushyira mu bikorwa uburyo bwihutirwa bwo guhangana n'ibyorezo no gukora igenzura ku mipaka ihuza ibihugu byombi.



Kubera ebola yongeye kugaragara muri RDC no muri Uganda, ibihugu by'ibituranyi birasabwa kuba maso

Nubwo Ebola imaze kwaduka inshuro zisaga 20 muri RDC no muri Uganda ariko ubwoko bw'icyo cyorezo ni ubwa gatatu bugaragaye.

Iyi virusi ya ebola yongeye kugaragara bwa mbere mu Ntara ya Ituri mu Burasirazuba bwa RDC, hafi y'umupaka wa Uganda na Sudani y'Epfo ku wa 15 Gicurasi 2026.

OMS isaba abanduye kwishyira mu kato no kugabanya ingendo zitari ngombwa.

# Afurika yahawe amasezerano menshi atarasohojwe - Perezida Kagame




**Perezida Paul Kagame yari mu Bakuru b'Ibihugu barenga 30 bitabiriye inama ya 'Africa Forward' yateraniye i Nairobi muri Kenya**

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame, yasabye ibihugu bya Afurika gufata inshingano zo kwikura mu bibazo kuko nta yandi mahanga ashobora gufasha uyu mugabane kwivana mu rusobe rw'ingorane, mu gihe n'amasezerano menshi wakiriye ava mu banyembaraga atagiye asohozwa.***

Nubwo hari ibibazo Afurika isangiye n'indi migabane, usanga ibyinshi muri ibyo bibazo bigira ingaruka ziremereye kuri uyu mugabane bitewe n'impamvu zishingiye ku mateka yadindije imiyoborere ndetse n'amahirwe atabyazwa umusaruro uko bikwiye.

Ibihugu bya Afurika bihanganye by'umwihariko n'amapfa ndetse n'imyuzure mu bice bitandukanye nk'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe, inguzanyo z'amahanga z'umurengera, ubukungu bujegajega kubera icyuho kinini kirangwa hagati y'ibyinjizwa n'ibyoherezwa mu mahanga, ibyorezo n'ibindi.

Ibyo bibazo byongererwa imbaraga n'intambara z'urudaca, imiyoborere mibi ituma Abanyafurika badakorana mu bibungura bagahora mu mwiryane, ibikorwa remezo bidahagije, ndetse no kutagira ishoramari rihagije mu guharanira iterambere rirambye.

Mu nama ihuza u Bufaransa na Afurika yateraniye i Nairobi ku wa 11-12 Gicurasi 2026, Perezida Kagame yavuze ko kuba Afurika yarahawe icyizere kiraza amasinde ari akarengane ariko ibyo bikwiye kuyitera imbaraga zo kwishakamo ibisubizo.

Ati: "Afurika yahawe amasezerano atagira ingano, atarigeze agera ku kintu na kimwe gifatika. Ese ako ni akarengane? Yego. Ariko ikiruta byose ni uko nk'Abanyafurika tugomba gufata inshingano mbere y'undi uwo ari we wese. Nta muyobozi w'Isi, uko igihugu cye cyaba kinini kose, uzatabara umugabane wacu ku bibazo witera."

Perezida Kagame watangaga ubutumwa mu nama y'Abayobozi b'ibigo byo mu Bufaransa ku guteza imbere inganda zitangiza ibidukikije no kwimukira ku ngufu zidahumanya ikirere, yakomeje asobanura ko inama nk'iyi ihuza u Bufaransa n'Afurika ikwiye kwibutsa Abanyafurika ko binyuze mu bufatanye bashobora kwikura mu bibazo bibari imbere.

Perezida wa Kenya William Samoei Ruto, wakiriye iyi nama afatanyije na Perezida w'u Bufaransa Emmanuel Macron, yibanze cyane ku kugaragaza uburyo Afurika ikwiye gukomera ku busugire bwayo. Yagaragaje uburyo iminsi yo kwishingikiriza ku Burayi yarangiye kuri Afurika, ahubwo ikigezweho ari imikoranire ishingiye ku bwubahane bw'ibihugu.

Yagize ati: "Imikoranire mishya hagati ya Afurika n'u Bufaransa ikwiye kuba itubakiye ku kwishingikiriza ku bandi ahubwo ishingiye ku buringanire bushingiye ku bwubahane, atari ku mfashanyo cyangwa ubugiraneza, ahubwo bikaba bishingiye ku ishoramari rigirira umumaro impande zombi."

Inama ihuza Afurika n'u Bufaransa yibanda cyane ku gushakira ibisubizo ibibazo by'ubukungu, harimo no gukora amavugurura ku miterere y'urwego mpuzamahanga rw'imari, kwimukira ku ngufu zitangiza ibidukikije, kwimakaza inganda zidahumanya ikirere, ubukungu bushingiye ku mazi magari, ikoranabuhanga ry'ubwenge buhangano (AI) n'irindi koranabuhanga rigezweho muri rusange.

Perezida Macron yatangaje ishoramari rishya, rifite agaciro ka miliyari 27 z'amadolari ya Amerika azashorwa mu nzego zinyuranye zirimo ingufu, AI n'ubuhinzi mu bihugu bitandukanye bya Afurika. Biteganywa ko muri iryo shoramari harimo miliyari 16.4 z'amadolari ya Amerika zizava mu bigo by'u Bufaransa mu gihe irindi shoramari rya miliyari 10.5 z'amadolari rizava mu bigo byo muri Afurika.

# Dr. Nsengiyumva yasabye abarangije amasomo muri RP kudakangwa n'ibihe

**KAMALIZA Agnes**

***Minisitiri w'Intebe w'u Rwanda, Dr. Nsengiyumva Justin yabwiye abarangije amasomo mu Politekiniki y'u Rwanda (Rwanda Polytechnic/ RP) ko Isi iri kwiruka bidasanzwe ndetse n'imiterere y'akazi ikaba ihinduka uko bwije nuko bucyeye, ariko badakwiye gukangwa n'ibihe, ahubwo bakabyaza umusaruro izo mpinduka. Yabigarutseho ku wa 14 Gicurasi 2026, mu birori byo guha impamyabumenyi abarenga 3,500 barangirije amasomo muri RP.***

Dr. Nsengiyumva yavuze ko Isi iri kwiruka ku muvuduko udasanzwe cyane cyane ku rwego rw'ikoranabuhanga, imiterere y'akazi haba mu nganda n'ahandi kandi biri kugirwamo uruhare n'urubyiruko ariko birimo amahirwe n'impungenge icya rimwe. Yavuze ko ibintu bitakimeze nkuko byahoze ariko bidakwiye kubaca intege ahubwo bagomba kugendana n'ibihe bagakomeza kwiga ubudahwema baharanira guhanga udushya.

Ati: "Ndabasaba kudakangwa n'impinduka ngo muteshe agaciro ibyo mwagezeho. Ni byo koko byinshi birahinduka, ariko impinduka zizana amahirwe menshi cyane kandi ibi Abanyarwanda n'abazi Umuco Nyarwanda, babyumva neza cyane. Ubutore buranga Abanyarwanda ni ubwo gushaka ibisubizo. Mwese mufite ubushobozi bwihariye bwo guhangana n'ibi bihe."

Minisitiri w'Intebe yagaragaje ko Igihugu kibashyigikiye cyane kuko cyamenye hakiri kare ko ikoranabuhanga, ubumenyi ngiro no guhanga udushya ari ingenzi mu guhangana ku rwego mpuzamahanga, ari na yo mpamvu cyafashe iya mbere mu gushora imari no kubakira urubyiruko ubushobozi bwo gushyira mu bikorwa ibyo rwize no gushaka ibisubizo birambye.

Yaragagarije abo banyeshuri ko ari abakozi b'ejo hazaza bityo bafite ubumenyi bwa kinyamwuga bujyanye n'ibikenewe ku isoko ry'umurimo mu guhindura imibereho n'ubukungu bw'u Rwanda.

Ati: "Guverinoma y'u Rwanda yiyemeje gukomeza guteza imbere amashuri ya tekiniki, imyuga n'ubumenyingiro nk'inkingi y'iterambere ry'Igihugu. Mu gihe inganda zikomeza gutera imbere ndetse hakavuka ikoranabuhanga rishya, twizeye ko Politekiniki y'u Rwanda ndetse n'uburezi bwacu muri rusange bizakomeza kugendana n'igihe no gutanga ibisubizo ku bibazo Igihugu gifite."




**Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva Justin yavuze ko u Rwanda rwashyize imbaraga mu guteza imbere amashuri y'imyuga n'ubumenyi ngiro**

Yongeyeho ko nubwo bahawe impamyabumenyi ariko kwiga bitarangiye kuko mu gihe kizaza abazashobora ubuzima atari abazi byinshi ahubwo ari abafite ubushake bwo gukomeza kwiga. Ati:" Kurangiza amasomo si iherezo, ahubwo ni intangiriro y'urugendo rushya. Mutangire mukorane imbaraga n'umuhate, muhangane n'ahazaza mufite kwiyemeza, ikinyabupfura, amatsiko yo kumenya byinshi ndetse n'intego zikomeye. U Rwanda rukeneye impano zanyu, ibitekerezo byanyu n'imbaraga."

Umuyobozi Mukuru wa Politekiniki y'u Rwanda Dr. Sylvie Mucyo yavuze ko abarangije kwiga bahawe ubumenyi n'ubushobozi bityo Igihugu cyibafitiye icyizere. Yagize ati: "Icyerecyezo cy'u Rwanda mu iteramabere kizashingira ku bumenyi ngiro n'udushya mufite, tubafitiye icyizere cyinshi murasabwa gutanga umusanzu ufatika mu kuzamura ubukungu, guteza imbere inganda no kuzamura imibereho myiza y'abaturage kuko mufite ubumenyi n'ubushobozi bwo gutekereza neza."

Politekiniki y'u Rwanda ifite uruhare mu guteza imbere uburezi bw'u Rwanda aho 70% by'abaharangirije amasomo babona imirimo mu gihe kitarenze amezi atandatu.

# Ibihano ntibyatubabaza kurusha kwemera gukoreshwa ibyo tudashaka - Perezida Kagame




**Perezida Kagame yashimangiye ko ibihugu by'Afurika bigomba kwihesha agaciro kandi ntibiterwe ubwoba n'ibihano bifatirwa n'ibikomeye bishaka gusahura imitungo**

**ZIGAMA Theoneste**

***Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Paul Kagame, yavuze ko Afurika ikwiye guhagarara ku nyungu zayo no kwanga gukomeza gukoreshwa n'ibihugu bikomeye bikoresha imbaraga za politiki n'ubukungu mu gusahura umutungo wayo no kuyihatira kwemera ibyo idashaka biyishyiraho ibihano avuga ko gutinya ibyo bihano byatuma ibihugu bibaho nabi kurushaho.***

Yabigarutseho kuri uyu wa Kane tariki ya 14 Gicurasi 2026, mu kiganiro yahaye abitabiriye Inama Mpuzamahanga y'Abayobozi Bakuru b'Ibigo muri Afurika (Africa CEO Forum 2026), ubwo yabazwaga ku buryo ibihugu bya Afurika bikomeje gushyirwaho igitutu n'ibihugu bikomeye binyuze mu bihano n'andi masezerano bihatirwa afatwa nk'ahonyora inyungu zabyo.

Muri icyo kihaniro cyayobowe n'umunyamakuru wa CNN, Eleni Giokos yababajije Perezida Kagame ibibazo bitandukanye yitsa ku masezerano bamwe bavuga ko ari mabi akomeje gushyirwa imbere y'ibihugu nka Zimbabwe, Zambia na Ghana, aho bisabwa kwemera ibikorwa byo gucukura no gusahura umutungo kamere wabyo kugira ngo bibone inkunga zirimo gahunda z'ubuvuzi n'izindi ariko byo bikaba byarabyanze.

Yanagarutse ku bihugu byo mu Burengerazuba bw'Isi, cyane cyane Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, bikomeje gukoresha ibihano n'igitutu cya politiki mu kugenzura ibihugu bya Afurika, yibutsa ko u Rwanda narwo rwafatiwe ibihano kubera ikibazo cyo mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC).

Perezida Kagame yavuze ko ikibazo nyamukuru Afurika ifite ari ukudakoresha neza ubushobozi n'umutungo ifite. Yagize ati: "Mu by'ukuri ni ikibazo gikomeye ariko kandi cyatewe n'ikintu kimwe: Afurika itarakoresha neza ubushobozi bwayo, amahirwe ifite n'imbaraga z'abaturage bayo. Ibyo byose bisa n'aho bifitwe n'abo hanze yayo."

Yakomeje avuga ko ibihugu bikomeye bikoresha imbaraga zabyo mu guhatira abandi kwemera ibyo bishaka. Ati: "Ibihugu bikomeye bifite inkoni mu ntoki. Biyikoresha bikubita uwo bishatse. Ntibagihisha ibyo bakora, bikorwa ku mugaragaro."

Perezida Kagame yavuze ko no ku bibazo byo mu karere, harimo n'ibya Congo n'u Rwanda, hakunze gukoreshwa uburyo bushingiye ku nyungu aho kuba ku butabera cyangwa ukuri. Ati: "Ibihano mbere ya byose umuntu yakwibaza niba bifite ishingiro. Kandi si ku Rwanda gusa ahubwo no mu bindi bihe byinshi byaragaragaye. Hari igihe ibihano bifatwa hashingiwe ku wo bazungukamo byinshi kurusha abandi. Iyo umuntu azi ko hari aho ashobora gusahura byinshi, ashyigikira cyane aho hantu n'iyo baba ari bo bafite amakosa."

Umukuru w'Igihugu yavuze ko ubu busumbane no gukoresha abandi atari ibintu bishya, ahubwo ko byabayeho kuva kera. Ati: "No mu bihe bya kera cyane habagamo uburyarya bwinshi. Abami n'abandi bayobozi ba kera bahaga abana babo cyangwa abakwe babo ububasha bwo kujya gutegeka no kugenzura ahantu runaka. Kandi ibyo ni byo bikomeje no kuba uyu munsi."

Yakomeje agaragaza ko Afurika ikomeje gufatwa nk'ahantu hagamijwe gusahurwa n'ibihugu bikomeye. Ati: "Hari abo babwira bati: 'Genda ufate icyo ushaka cyose kandi ukore icyo ushaka muri kariya karere.' Uko ni ko Afurika ifatwa."

Perezida Kagame yavuze ko hari ukwivuguruza gukomeye mu buryo ibihugu bikomeye bivuga demokarasi n'uburenganzira bwa muntu, nyamara inyuma y'ibyo hakaba hari inyungu zo gusahura umutungo w'ibihugu bya Afurika. Ati: "Ibyo bihugu bikomeye mubona biza hano bivuga demokarasi n'uburenganzira bwa muntu, ukuboko kumwe baba babivugiraho, ariko ukundi kuboko kuba gusahura ibyo abaturage batunze."

Yavuze ko ari yo mpamvu Afurika ikwiye kwiha agaciro no kwanga gukomeza guterwa ubwoba cyangwa kwemera ibintu biyibangamiye. Ati: "Ntitwakomeza kuba abantu bategereje gusahurwa n'umuntu ufite ubucakura n'imbaraga. Oya, tugomba kubasha kuvuga 'oya'. Kandi twatangiye kubibona."

Ku bijyanye n'ibihano, Perezida Kagame yavuze ko nubwo bibabaza, bitakabaye impamvu yo kwemera gukora ibyo igihugu kidashaka. Ati: "Njye ntabwo nigeze nemera gutsindwa no mu bihe bibi cyane kurusha ibi. Iki si ikibazo gikomeye nk'ibyo twanyuzemo mbere." Yakomeje ati: "Yego, birababaza, kandi ni cyo bigamije. Ibihano cyangwa izindi ngamba byose bigamije kubabaza abantu. Mu buryo bumwe rero natwe biratubabaza."

Ariko yashimangiye ko kubabazwa no kwemera ibintu bibi birushaho kuremerera igihugu kurusha ibihano ubwabyo. Ati: "Ariko ntekereza ko twababara kurushaho turamutse tudakora ibyo dukora ubu. Bityo rero buri gihe uba ugomba kubara no gupima ibintu." Perezida Kagame yavuze ko kuvuga "oya" ku bintu bibi bidakwiye gufatwa nk'ikintu gikomeye cyane. Ati: "Kandi ntabwo bigoye cyane kuvuga 'oya'. Ahubwo kwemera ikintu kibi ni byo bihenda cyane."

Perezida Kagame yashimangiye ko afite icyizere ko Afurika ishobora kwigira no kwikura mu bibazo binyuze mu bufatanye no kudaterwa ubwoba n'ibihugu bikomeye. Ati: "Ntekereza ko buri gihugu muri Afurika, cyane cyane dufatanyije, hari byinshi dushobora gukora ngo tuzamure Afurika kandi twizamure tugere ku rwego dukwiye kuba turiho."

Yanavuze ko Afurika idakwiye gukomeza guterwa ubwoba n'ibihugu bikomeye byumva ko bifite uburenganzira bwo gutegeka abandi. Ati: "Kandi ntidukwiye guterwa ubwoba n'ibi bihugu bikomeye byibwira ko ari byo bifite isi n'ijuru n'ibindi byose."

# Ingengo y'Imari iziyongeraho miliyari 844.2 Frw mu 2026 - 2027




**Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi, Murangwa Yusuf ageza ku Nteko Ishinga Amategeko ingengo y'imari iteganyijwe ya 2026 - 2027**

**NYIRANEZA Judith**

***Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi, Murangwa Yusuf yatangaje ko ingengo y'imari iteganyijwe kuzakoreshwa mu mwaka wa 2026/2027 ari miliyari 7796.3 Frw, ikaba aziyongeraho miliyari 844.2 Frw ugereranyije na miliyari 6,952.1 Frw, zakoreshejwe mu mwaka 2025/2026.***

Yabitangaje ku wa 11 Gicurasi 2026 ubwo yagezaga ku Nteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari y'igihe giciriritse mu mwaka wa 2026/2027. Yagize ati: "Mu ngengo y'imari y'umwaka wa 2026/2027, amafaranga ateganyijwe kwinjira azagera kuri miliyari 7.796,3 Frw akaba aziyongeraho agera kuri miliyari 844.2 Frw ugereranyije na miliyari 6,952.1 Frw ari mu ngengo y'imari ivuguruye muri uyu mwaka wa 2025/2026."

Minisitiri Murangwa yagarutse ku byitaweho mu gutegura imbanzirizamushinga y'Ingengo y'imari y'umwaka wa 2026/2027, yavuze ko hashingiwe ku ntego zikubiye muri Gahunda ya Kabiri yo Kwihutisha Iterambere (NST2), hitawe ku ngaruka z'intambara yo mu Burasirazuba bwo Hagati, hanashingiwe kuri politiki yo kwinjiza amafaranga no kuyakoresha, izamuka rikabije ry'ibiciro by'ibikomoka kuri peteroli n'ifumbire mvaruganda no gukomeza imicungire myiza y'imari ya Leta hagamijwe kugabanya icyuho mu ngengo y'imari no kugenzura imyenda ya Leta.

Yavuze ko urwego rw'ubuhinzi rugira uruhare rwa 20%, umusaruro w'urwego rw'ubuhinzi wazamutse ku gipimo cya 7% naho umusaruro w'ibihingwa byoherezwa mu mahanga wazamutse ku gipimo cya 32%, umusaruro w'urwego rw'inganda wazamutseho 11% bitewe ahanini n'umusaruro w'amabuye y'agaciro na kariyeri byazamutse ku gipimo cya 17% n'uwibitunganyirizwa mu nganda wazamutse ku gipimo cya 10%.

Urwego rwa serivisi rwazamutse ku gipimo cya 9% biturutse ahanini ku musaruro mwiza wabonetse mu bucuruzi, ubukerarugendo, gutwara abantu n'ibintu ndetse n'itumanaho.

Ku bijyanye n'ibiciro ku masoko, byageze ku 13% muri Mata 2026, bivuye ku 9,2% muri Werurwe 2026, izamuka ryaturutse ahanini ku izamuka ry'ibiciro by'ibikomoka kuri peteroli, ibicanwa harimo amakara, gaze n'ibiribwa. Muri rusange, impuzandengo y'izamuka ry'ibiciro hagati ya Mata 2025 na Mata 2026 byageze ku gipimo 8.2% bivuye kuri 7.6% yari yazamutseho mu kwezi kwa Werurwe 2026.

Icyuho hagati y'ibitumizwa n'ibyoherezwa mu mahanga cyagabanyitseho 1.9%mu 20205, biva kuri miliyari 2.4 z'amadolari ya Amerika mu 2024 zigera kuri miliyari 2.3 z'amadolari ya Amerika mu 2025 bitewe n'igabanyuka ry'ibyo



**Inteko Ishinga Amategeko Imitwe yombi yagejejweho umushinga w'itegeko ry'ingengo y'imari y'umwaka wa 2026 - 2027**

dutumiza mu mahanga ku gipimo cya 14.9% mu 2025 ugereranyije na 15% byari byiyongereyeho mu mwaka wa 2024.

Inyungu muri serivisi yarazamutse igera kuri miliyoni 84.1 z'amadolari ya Amerika mu 2025 ivuye 78.4 z'amadolari ya Amerika yariho mu 2024, bitewe no kwiyongera kwa serivisi dutanga hanze ku gipimo cya 2.9% ugereranyije n'izo tuhasaba zazamutse ku gipimo cya 2.5%.

Ku bijyanye n'umwenda w'igihugu, kugeza ubu ibipimo bigenderwaho biri mu rugero kuko mu Ukuboza 2025 kuko 89.2% by'umwenda w'igihugu, yari imyenda ihendutse itangwa cyane n'amabanki n'ibigega mpuzamahanga ku nyungu yo hasi n'igihe kirekire cyo kwishyura.

Ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari ivuguruye 2025/2026, hagaragajwe ko muri Kamena 2025, Inteko Ishinga Amategeko yemeje ingengo y'imari y'umwaka wa 2025/2026 ingana na miliyari 7,032.5 Frw muri Gashyantare 2026 iravugururwa igera kuri miliyari 6,952.1 Frws.

Hagati ya Nyakanga n'Ukuboza 2025, amafaranga yakusanyijwe, imisoro, amahoro n'impano yiyongereyeho miliyari 46 Frw, agera kuri miliyari 2,390.1 Frw ugereranyije na miliyari 2,348.1 Frw yari ateganyijwe.

Ku bijyanye n'uburyo yakoreshejwe mu ngengo y'imari hagati ya Nyakanga n'Ukuboza 2025, amafaranga yose yageze kuri miliyari 2,931.6 Frw ugereranyije na miliyari 3,213.9 Frw yari ateganyijwe gukoreshwa akaba yaragabanyutseho miliyari 282.3 Frw. Hagendewe ku ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari ya 2025/2026 mu gihe gisigaye cy'umwaka bigaragara ko ishyirwa mu bikorwa rizagenda neza.

Yagarutse ku mirongo migari yagendeweho mu gutegura umushinga w'ingengo y'imari ya 2026/2027 no mu gihe giciritse, hitawe ku ngaruka z'intambara yo mu Burasirazuba bwo Hagati, no kuri politiki yo kwinjiza amafaranga no kuyakoresha harimo gukomeza gushyigikira iterambere n'imikorere ya RwandAir, gushyira imbaraga mu rwego rw'ubuhinzi hitabwa cyane cyane ku nyongeramusaruro no guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe.

Ibikorwa by'ingenzi bizibanda ku gukomeza ingaba zo guhangana n'izamuka ry'ibiciro ku masoko. kwihutisha ishyirwa mu bikorwa ry'imishinga igamije imibereho myiza, gukomeza gushyigikira politiki y'imisoro igenda ihuzwa na politiki n'imisoro bihuriweho n'ibihugu byo mu muryango wa Afurika y'Iburasirazuba, guhangana n'ingaruka z'ibiza n'imihindagurukire y'ibihe.

Minisitiri Murangwa yasobanuye ko izamuka ry'ingengo y'imari ya 2026/2027 rizaterwa ahanini no kwihutisha imirimo yo kubaka ikibuga cy'indege mpuzamahanga gishya cya Kigali. Kongera inkunga igenerwa RwandAir iyifasha guhangana n'ingaruka z'intambara yo mu Burasirazuba bwo Hagati.

Amafaranga akomoka imbere mu gihugu azagera kuri miliyari 5,273.8 Frws, inkunga z'amahanga ziteganyijwe kugera kuri miliyari 548.3 Frw naho inguzanyo z'amahanga zizagera kuri miliyari 1,974.1 Frws.

Minisitiri Murangwa yanagaragaje uburyo amafaranga azakoreshwamo mu ngengo y'imari 2026/2027, mu mafaranga ateganyijwe gukoreshwa mu ngengo y'imari asanzwe azagera kuri miliyari 4,775.1 Frws; amafaranga azakoreshwa mu mishinga y'iterambere no mu ishoramari rya Leta azagera kuri miliyari 3,021.1 Frws.

Biteganyijwe ko umushinga w'itegeko rigenga ingengo y'imari y'umwaka wa 2026/22027 uzashyikirizwa Inteko Ishinga Amategeko muri Kamena uyu mwaka wa 2026.

Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

# Ijambo ry'Ibanze

## *Nikeleyeri: Igisubizo kirambye ku kibazo cy'ingufu z'amashanyarazi muri Afurika*

Ibihugu byateye imbere ku Isi uyu munsi nk'u Burusiya, u Bushinwa, u Bufaransa, Koreya y'Epfo na Leta Zunze Ubumwe za Amerika biza imbere mu gutunganya ingufu za Nikeleyeri zikoreshwa mu bikorwa bya gisivile cyane cyane mu gutanga ingufu z'amashanyarazi.

Afurika iracyari inyuma mu gukoresha izo ngufu za Nikeleyeri zagaragayeho gutanga inyungu zifatika mu gutanga amashanyarazi ahangana n'imihindagurikire y'ibihe, kandi akoreshwa mu buryo buramba.

Nk'uko bishimangirwa na Komisiyo y'Ubukungu y'Umuryango w'Abibumbye muri Afurika (UNECA), kugeza ubu Afurika y'Epfo ni cyo gihugu cya Afurika gifite inganda zitunganya ingufu za Nikeleyeri, ariko inyota zo kubyaza umusaruro izo ngufu irushaho kwiyongera no mu bindi bihugu.

Ibihugu bisaga 30 bya Afurika birimo n'u Rwanda, bikomeje gushaka uburyo byatangira inganda nto n'iziringaniye zitunganya ingufu za Nikeleyeri zifashishwa mu gutanga amashanyarazi cyangwa zifashishwa mu buvuzi.

Mu gihe iIi iri mu rugendo rwo gushaka ibisubizo birambye ku kibazo cy'ingufu, Afurika ntikwiye gukomeza kuba umugabane ufite umutungo kamere mwinshi ariko abaturage bawo, bazaba bikubye kabiri bitarenze mu 2063 nk'uko bishimangirwa n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye Rishinzwe Imiturire (UN-Habitat) bashobora kuzisanga babayeho mu icuraburindi ry'amashanyarazi make kandi ahenze.

Uyu munsi, ikibazo cy'ingufu si ikibazo cy'iterambere gusa, ni ikibazo cy'ubusugire bw'ibihugu, ubukungu, ishoramari n'imibereho myiza y'abaturage.

Mu myaka myinshi ishize, ijambo "Nikeleyeri" ryakunze gutera ubwoba bitewe n'amateka y'intwaro za kirimbuzi cyangwa impanuka zabaye mu bihugu bimwe na bimwe, nyamara uko ikoranabuhanga rigenda ritera imbere, ni ko izo ngufu ziri kurushaho gufatwa nk'igisubizo kirambye, gifite umutekano kandi kidahumanya ikirere.

Ingufu za Nikeleyeri zifite umwihariko wo gutanga amashanyarazi menshi kandi adahindagurika, mu gihe izuba n'umuyaga bifite uruhare rukomeye mu ngufu zisubira, na byo bigira igihe bikora n'igihe bidakora.

Ku Rwanda by'umwihariko, gutekereza ku ngufu za Nikeleyeri si ukwifuza ibintu birenze ubushobozi, ahubwo ni ukureba kure nk'Igihugu cyagaragaje kenshi ubuto bwacyo butavuze ko n'abagituye ari bato mu myumvire, mu kugira inzozi no gutekereza mu buryo bwagutse.

**Ubwanditsi**

# MIGEPROF yibukije ko ibibazo by'imiryango bitajyanwa ku mbuga nkoranyambaga




**Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango Uwimana Consolee yakebuye abajyana ibibazo by'imiryango ku mbuga nkoranyambaga**

**MUTETERAZINA Shifah**

***Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango,Uwimana Consolée yakebuye abantu bumva ko ibibazo by'umuryango bikemurirwa ku mbuga nkoranyambaga agaragaza ko gukora ibyo byangiza ubusugire bw'umuryango kandi nta muryango nta gihugu.***

Ni bimwe mu byo yagarutseho ku wa Gatanu tariki 15 Gicurasi 2026, ubwo u Rwanda rwifatanyaga n'Isi kwizihizwaga umunsi mpuzamahanga w'umuryango wahujwe n'inama nyunguranabitekerezo ku kubaka umuryango ushoboye. Ni inama yitabiriwe n'inzego zitandukanye zifite mu nshingano guteza imbere umuryango

Minisitiri Uwimana Consolée avuga ko kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'umuryango ari umwanya wo kuzirikana uruhare rwawo mu mibereho myiza, imiyoborere n'iterambere ry'Igihugu, asaba buri wese gusigasira umuryango no guha abana uburere buboneye bushingiye ku ndangagaciro z'umuco nyarwanda muri iyi Isi y'ikoranabuhanga rikataje.

Yagize ati: "Kwizihiza uyu munsi ni umwanya wo kwishimira ibyagezweho kurebera hamwe ibibazo bitwugarije no kubishakira ibisubizo birambye, nk'uko umugani wo mu Kinyarwanda ubivuga 'umuryango utazimuye urazima' Iki kitwibutsa ko ibibazo byo mu muryango bikwiye gukemurirwa mu biganiro by'abawugize [….]

Turakangurira Abanyarwanda kwirinda kujyana ibibazo by'umuryango ku mbuga nkoranyambaga mu buryo bushobora kuyihungabanya aho bigira ingaruka kubawugize bose kandi nta muryango nta gihugu kuko umuryango ufatwa nk'ishingiro ry'Igihugu."

Umwe mu bitabiriye iyo nama witwa Elie Mugabo Shema avuga ko intandaro yo kuba abubatse ingo bisanga ku mbuga nkoranyambaga bahavugira ibibazo by'umuryango bishingira ku kwirengagiza uruhare rw'abakuru mu zabukuru rwirengagijwe mu kubaka imiryango mishya.

Ati: "Ijambo batubwiye ngo igihugu ni umuryango tubyakire neza, bidushoboze kuwusigasira kuko impamvu twisanga ku mbuga nkoranyambaga turiririraho ni uko twirengagije inama z'abakuru mu zabukuru mu kubaka ingo zacu.

Dukwiye kubagisha inama, ariko tukanazigisha abafite ingo tubona zihagaze neza, zifite urukundo, ubunyangamugayo n'ukuri. Ariko cyane cyane tukibanda ku bakuze kuko n'abubatse neza bakiri bato baba batararangiza urugendo, hari ibyo batakubwira kuko wenda batarahura na byo cyangwa badashaka kubivuga. Ariko abakuze bakubwira bati 'mwana wange aha narahasitaye ariko wowe uzitonde".

Umubyeyi Gahongayire Marie Grace we avuga ko mbere y'uko abubatse bajyana ibibazo by'umuryango ku mbuga nkoranyambaga bakabanje kwibaza ingaruka mbi bizagira ku bana babo igihe bazakura bagasanga amakuru mabi y'umuryango bavukamo yandagaye ku karubanda.

Ati: Umubyeyi yakagombye gutekereza mbere ya byose akibaza ati ese ibi bintu ngiye gushyira ku karubanda ubwo azamaze kugira imyaka 20, 30 bizamugiraho izihe ngaruka? Abazabyumva se njye bazamfata bate nk'umubyeyi."

Ubushakashatsi bwakozwe n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe imiyoborere (RGB) bwo mu 2025, bugaragaza ko hakiri ibibazo bikomeye bituma umuryango udatekana birimo kunywa inzoga cyane biri ku kigero cya 85.8%, kutaganira bihagije mu miryango biri ku kigero cya 83.2%, ubusambanyi buri kuri 79.2%, gucunga nabi umutungo w'umuryango biri ku kigero cya 78.7%, kutumvikana ku ihame ry'uburinganire biri kuri 75.9%, kutita ku nshingano z'ababyeyi biri kuri 69.2%, n'ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu buryo butari bwo riri ku kigero cya 30.1%.

Ni ibibazo Minisitiri avuga ko bihungabanya uburenganzira bw'abana bikabaviramo kujya mu muhanda mu buzererezi, guta ishuri, gukora imirimo ivunanye, imirire mibi, inda ziterwa abangavu, no gutandukana kw'imiryango. Imibare ya RGB Ikigo Cy'igihugu Gishinzwe Imiyoborere igararagaza ko umwaka ushize wa 2025, imiryango 4,479 yatandukanye, muri yo 2,629 (58.7%) yahawe gatanya byemejwe n'inkiko.

Umunsi Mpuzamahanga w'Umuryango washinzwe n'Umuryango w'Abibumbye mu 1993, wizihizwa bwa mbere tariki ya 15 Gicurasi 1994. Kuri ubu, u Rwanda rwifatanyije n'isi kuwizihiza ufite nsanganyamatsiko igira iti 'Ibiganiro byiza; ireme ry'umuryango'.

# Kwibuka 32: NESA yiyemeje guhanagura icyasha cyasizwe uburezi bw'u Rwanda muri Jenoside



Umuyobozi Mukuru wa NESA Dr. Bahati Bernard yavuze ko icyasha cyasizwe uburezi bw'u Rwanda muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 kigomba guhanagurwa

KAMALIZA Agnes

***Ubuyobozi n'Abakozi b'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibizamini n'Ubugenzuzi bw'Amashuri (NESA) biyemeje kubaka igihugu no kwimakaza uburezi bwiza mu Rwanda, mu rwego rwo guhanagura icyasha cyasizwe uburezi mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, aho bwakoreshejwe mu kwigisha urwango n'amacakubiri mu bana b'u Rwanda. Babigarutseho ku wa 15 Gicurasi 2026, ubwo basuraga Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi rwa Nyarubuye mu Karere ka Kirehe, rushyinguyemo Abatutsi barenga ibihumbi 59.***

Basobanuriwe amateka yagejeje kuri Jenoside yakorewe Abatutsi bigizwemo uruhare n'abitwaga ko bize, bagaragarizwa amateka y'ubwicanyi ndengakamere bwakorewe Abatutsi bari bahungiye kuri Paruwasi ya Nyarubuye cyane ko hari Kiliziya Gatolika aho bishwe bakuwemo imitima ikotswa mu ifuru. Umuyobozi Mukuru wa NESA, Dr. Bernard Bahati yagaragaje ko buri mwaka biyemeje gusura Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi, aho bibasigira amasomo no kwiyemeza, kuko aho bageze basobanurirwa uruhare rubi rw'uburezi muri Jenoside.

Dr. Bahati yavuze ko bafite umukoro wo guhindura isura y'uburezi aho bwambitswe icyasha, kigakurwaho burundu no gutuma buba bwiza hubakwa Igihugu, harwanywa amacakubiri, urwango n'akarengane ndetse hagashyirwa imbere gukora cyane. Ati: "Aho tugiye hose batubwira uruhare uburezi bubi bwagize kugira ngo Jenoside yakorewe Abatutsi ishoboke. Iyo urebye usanga yarateguwe n'abantu bize amashuri menshi. Dufite inshingano zo gukomeza guhindura isura y'uburezi, icyasha bwambitswe n'abareze babi tukagihanagura."



Ubuyobozi n'abakozi ba NESA basuye Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi rwa Nyarubuye mu Karere ka Kirehe

Yongeyeho ko abakozi bakwiye gukora mu bwumvikane n'ubworoherane kandi bakunga ubumwe ari na ko banoza akazi bakora birinda kugira uwo barenganya. Yagize ati: "Dukwiye gukora uko dushoboye isura y'uburezi nziza imaze igihe muri iki Gihugu tugakomeza gutuma iba nziza hatazongera, kugira abumva ngo abize ni bo ba nyirabayazana w'ibibi. Dukore tutabogama mu myanya duha abanyeshuri, ubugenzuzi dukora tubukore ntawe turenganya twunge n'ubumwe kandi dukore kugira ngo twiteze imbere."

Bamwe mu bakozi ba NESA bagaragaje ko bafite inshingano zo gukomeza gusigasira isura y'uburezi bagakosora ibyakozwe n'ubuyobozi bubi mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi, ndetse bakunga ubumwe hagamijwe gukomeza kubaka Igihugu hakomeza kwigishwa amateka abakiri bato. Mbonimpa Egide yagize ati: "Ni twe dufite uruhare rwo kubirwanya ntibizongere, haba mu kazi no hanze yako icyo ngomba gukora, ni ukugira ubuvandimwe nkunga ubumwe nkakorana n'abandi mu mahoro."

Abizerimana Ruth na we ati: "Ni ugukorera hamwe kuko twabonye ko mu byaranze abari bahungiye Nyarubuye bagerageje gushyira hamwe kugira ngo barwanye ibitero nubwo bitabakundiye. Icyo dukwiye kwigisha abana ni amateka tukabigisha ububi bwa Jenoside, niyo abayabayemo baba batagihari bagakura bayazi n'abo bazabyara bakayabigisha kugira ngo bitazongera kubaho ukundi."

Nyuma yo gusura Urwibutso rwa Nyarubuye batashye inzu basaniye uwarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi ndetse baranamuremera. Dr Bahati yihanganishije abayikorokotse abasaba gukomera, agira ati: "Mwongera kwibuka umutima ukababara ariko muhumure mukomere."

Abatutsi baruhukiye mu Rwibutso rwa Nyarubuye bishwe bashinyaguriwe aho bakuwemo imitima ikotswa mu ifuru, urwo Rwibutso kandi rugaragaza amasekuru bakoreshaga basekura impinja n'ibikuta zakubitwagaho, imivure, Interahamwe zasukagamo amaraso y'Abatutsi bishwe kugira ngo barebe ko ahinduka amata n'ibindi.

Basobanuriwe kandi uburyo Abatutsi bari bahahungiye bishwe urubozo, aho nyuma yo kubica, Interahamwe zasubiraga inyuma ngo zirebe ko bapfuye neza zigasya urusenda zikarunyanyagiza ku mibiri uwinyagambuye zikamunogonora. Nyuma yo kubona ko ntawusigaye zaragiye ariko zibona ishusho ya Yezu yari imanitse imbere ya Kiliziya zivuga ko nawe ari Umututsi zirayimanura zirayitemagura, nayo ni imwe mu zigaragara muri urwo Rwibutso.



NESA yashyikirije uwarokotse Jenoside inzu yamusaniye

# Perezida Kagame yakiriye abayobozi bifuza gushora imari mu Rwanda

NTAWITONDA Jean Claude

***Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Paul Kagame yakiriye abayobozi b'ibigo by'ishoramari Ahmed Elsewedy na Hossam Gouda El Shaer bakomoka mu gihugu cya Misiri bitabiriye Inama Nyafurika y'Abayobozi b'Ibigo (Africa CEO Forum), bifuza gushora imari mu Rwanda.***

Umwe muri abo witwa Ahmed Elsewedy ayobora Ikigo Elsewedy Electric gifite inkomoko mu Misiri cyashinzwe mu mwaka wa 1938, uyu munsi kikaba gikorera mu bihugu 19 bya Afurika mu bijyanye n'ingufu, ikoranabuhanga no gutanga ibisubizo mu bikorwa remezo .

Elsewedy Electric ni ikigo gikoresha abakozi basaga 19,000 mu nganda zirenga 34 zubatswe mu bihugu bitandukanye, aho cyinjiza miliyari zisaga 5.7 z'amadolari ya Amerika buri mwaka nk'uko byagenze mu mwaka wa 2025.

Iki kigo gitunganya insinga n'ibindi bikoresho by'amashanyarazi, kikaba gikora n'ubwubatsi butandukanye, kigatanga ibisubizo by'ikoranabuhanga ndetse kikanashora agatubutse mu guteza imbere ibikorwa remezo.

Undi Perezida Kagame yakiriye kuri uyu wa Gatatu tariki ya 13 Gicurasi ni Hossam El Shaer, Umuyobozi Mukuru wa hoteli zigezweho za Sunrise Resorts & Cruises n'Ikigo cyubaka inyubako zigezweho kikanacuruza imitungo itimukanwa cyitwa Madaar.

Sunrise Resorts & Cruises ni ikigo cy'ubukerarugendo no kwakira abantu gikomeye cyane mu Misiri cyashinzwe na uyu Hossam El Shaer mu mwaka wa 2002, kikaba cyibanda ku gutanga serivisi zo ku rwego ruhanitse (luxury) hakaba hari na hoteli z'ubwato zikorera mu ruzi rwa Nili.

Iki kigo gifite hoteli n'imitungo 25 mu bice bigezweho byo mu Misiri cyane cyane ahegereye ku ruzi rwa Nili no ku Nyanja ya Mediterannée nk'ahitwa Sharm El Sheikh, Hurghada na Marsa Alam, kikaba gikomeje kwaguka mu ruhando mpuzamahanga. Serivisi z'akataraboneka zitangwa na Sunrise Resorts & Cruises ahanini cyane ni izigenewe imiryango, abakundana n'abantu bakuze bashaka kurushaho kuryoherwa n'ubuzima.

Inama Nyafurika y'Abayobozi b'Ibigo irateranira i Kigali guhera kuri uyu wa Kane tariki ya 14 Gicurasi 2026 ikazageza ku wa Gatanu. Ni inama ihuriza hamwe abasaga 2,500 barimo abashoramari, Abakuru b'Ibihugu na Guverinoma n'abandi bayobozi mu nzego zitandukanye.



**Perezida Paul Kagame yakiriye abayobozi b'ibigo by'ishoramari Ahmed Elsewedy na Hossam Gouda El Shaer bakomoka mu gihugu cya Misiri**

# U Rwanda rusobanukiwe impamvu yo gukora ishoramari mu ngeri zitandukanye – RDB

NYIRANEZA Judith

***Umuyobozi Mukuru w'Urwego rw'Igihugu rw'Iterambere (RDB), Jean-Guy Afrika, yavuze ko u Rwanda rwamenye impamvu yo gukora ishoramari mu ngeri zitandukanye, kuko bifasha abashoramari kumenya aho bashora imari mu Rwanda, kandi bitanga amahirwe yo gukora bakunguka, bakagura ishoramari bakanagera ku isoko ryo hanze y'u Rwanda.***

Yabigarutseho mu ijambo yagejeje ku bitabiriye Inama Nyafurika y'Abayobozi b'Ibigo (Africa CEO Forum), kuri uyu wa Kane tariki ya 14 Gicurasi 2026. Yagize ati: "Urugendo rwacu rw'iterambere rudusaba gutekereza birenze uko igihugu kingana mu buso, ahubwo rwubakiye ku gufungura amarembo no kwihuza n'abadufasha guha serivisi isoko ryagutse, Abanyarwanda gusa ahubwo no mu Karere kose ndetse n'Umugabane."

Yasobanuye kandi ko ubukungu bw'Isi buhinduka vuba vuba, hari byinshi bihinduka ariko hakwiye kutirengagizwa amahirwe Abanyafurika babibonamo.

Asti: "Ubukungu bw'Isi burahinduka vuba. Imari irakenewe cyane, inkunga irarushaho guhenda cyane, Uruhererekane rurimo kuvugurura, kandi ikoranabuhanga rirazana impinduka muri buri rwego. Muri icyo gihe, amahirwe y'abaturage muri Afurika ntaashobora kwirengagizwa, abaturage bakiri bato n'abakuze, imijyi igenda yiyongera ari ko n'ibikenerwa byiyongera n'abakozi ni byo bizagena imisusire y'ubukungu bw'Isi mu myaka iri imbere.

Ikibazo ni uguhindura ubu bushobozi mu buryo bufatika, bisobanuye kubaka amasosiyete ahangana, amasoko akomeye, ibikorwa remezo bihamye, imari itanga umusaruro mwinshi, n'imbuga zambukiranya imipaka zituma byoroha gushora imari, gucuruza no kwaguka bikagera hirya no hino ku mugabane.

Yakomeje asobanura ko bisaba ubufatanye hagati ya za Leta n'abikorera. Ati: "Bisobanura ko za Leta n'abikorera bakorana mu buryo butandukanye, Leta zishyiraho uburyo bwo guteganya no kugabanya amakimbirane, noneho abikorera bagashora imari, bagahanga udushya, kandi bagafasha mu kubaka ibyo Afurika ikeneye."

Umuyobozi Mukuru w'Ikigo Jeune Afrique Media Group akaba ari na we wanatangije 'Africa CEO Forum', Amir Ben Yahmed, yavuze ko ku Isi hari ibibazo bisimburana kandi bikomeye, ariko abantu bafite amahitamo yo guhangana nabyo.

Yagize ati: "Isi iri mu bihe bikomeye kandi ku buryo buhoraho. Twatangiye duhanganye n'imihindagurikire y'ibihe, hazaho Covid- 19, hanyuma intambara ya Ukraine, kandi buri gihe biteza ingorane Afurika. Ubu dufite amahitamo abiri, dukomeza kwirengera ikiguzi cy'ibibazo by'abandi cyangwa duhitamo kubaka igipimo dukeneye, dukora cyane kugira ngo tuzamuke, tugire imbaraga."

Inama Nyafurika y'Abayobozi b'Ibigo (Africa CEO Forum) yatangiye kuri uyu wa Kane tariki ya 14 izasoza ejo ku wa Gatanu ku ya 15 Gicurasi 2026, ikaba yahurije hamwe abayobozi b'ibigo barenga 1,000 n'abakuru b'ibihugu batandatu. Iyi nama ihuza abantu barenga 2,800 baturutse mu bihugu 75, bafite intego yo kuganira ku ishoramari, ubukungu, n'ubufatanye hagati ya Leta n'abikorera.




**Umuyobozi Mukuru w'Urwego rw'Igihugu rw'Iterambere (RDB), Jean-Guy Afrika**

# Perezida Kagame yaganiriye na Perezida Doumbouya wa Guinea na Visi Perezida wa Botswana

SHEMA Ivan

***Perezida wa Repubulika Paul Kagame yagiranye ibiganiro n'abayobozi banyuranye barimo Perezida Mamadi Doumbouya wa Guiné Conakry na Visi Perezida wa Botswana, Nkosinathi Gaolathe baganira ku ngingo zitandukanye zirimo gukomeza guteza imbere ubufatanye hagati y'u Rwanda n'ibyo bihugu.***



Perezida Kagame na Mamadi Doumbouya baganiriye ku ngingo z'ingenzi zirimo iterambere ry'ubukungu, ubucuruzi, ishoramari n'imiyoborere myiza

Ibiganiro byabaye ku wa 15 wa Gicurasi 2026, aho abo bayobozi bari mu Rwanda aho bari bitabiriye inama ya Africa CEO Forum yari imaze iminsi ibiri iteraniye i Kigali mu Rwanda. Ubutumwa bwashyizwe ku mbuga nkoranyambaga z'Ibiro by'Umukuru w'Igihugu, Village Urugwiro bugira buti: "Kuri uyu wa Gatanu, Perezida Kagame yagiranye ibiganiro na mugenzi we wa Guiné Conakry, Perezida Mamadi Doumbouya uri mu Rwanda aho yitabiriye Inama ya Africa CEO Forum 2026.

Abakuru b'Ibihugu byombi hamwe n'amatsinda yabaherekeje, baganiriye ku gukomeza gushimangira umubano mwiza uri hagati y'u Rwanda na Guiné Conakry, banaganira ku ngingo z'ingenzi zirimo iterambere ry'ubukungu, ubucuruzi, ishoramari n'imiyoborere myiza".

U Rwanda na Guinée-Conakry bisanganywe umubano uhamye, ushimangirwa n'ingendo z'Abakuru b'Ibihugu byombi, n'ubufatanye mu nzego zitandukanye. Muri Gicurasi 2025, Brigadier Général Mamady Doumbouya uyobora Guinée-Conakry yari mu Rwanda mu ruzinduko rwari rugamije guhamya ubucuti hagati y'ibihugu byombi.

Gen Doumbouya kandi muri Kanama 2024 yitabiriye umuhango w'irahira rya Perezida Paul Kagame wari uherutse gutorerwa gukomeza kuyobora igihugu. Muri Mutarama 2024 na bwo yari i Kigali mu ruzinduko rwo gushimangira ubufatanye.

Perezida Paul Kagame ku wa 11 Ugushyingo 2025 yasuye Guinée mu ruzinduko rw'akazi rw'iminsi ibiri. Muri Gicurasi 2024 Perezida Kagame kandi yagiriye uruzinduko muri Guinée-Conakry, abakuru b'ibihugu bagirana ikiganiro ku bufatanye bw'u Rwanda na Guinée, mu nzego zirimo ikoranabuhanga, ubucuruzi n'ishoramari.

Muri Mutarama uyu mwaka, Perezida Kagame yitabiriye irahira rya Mamadi Doumbouya watsinze amatora yo mu Ukuboza 2025. U Rwanda na Guinée bifitanye amasezerano y'ubufatanye mu guteza imbere inzego zitandukanye zirimo ikoranabuhanga, ubuhinzi, ishoramari, serivisi, ubukerarugendo, ingufu ndetse n'ubucuruzi. Ni amasezerano yasinywe mu Ukwakira 2024.

Mu bandi Perezida Kagame yakiriye harimo Perezida wa Botswana, Ndaba Nkosinathi Gaolathe baganira ku ngingo z'ubufatanye bwemeranyijweho mu ruzinduko rw'akazi Perezida Kagame yagiriye muri Botswana mu cyumweru cyashize.

Icyo gihe ibihugu byombi byasinyanye amasezerano atanu arimo ikurwaho ryo gusoresha kabiri abaturage b'ibihugu byombi, gukuraho visa ku baturage, ubwikorezi bwo mu kirere, ubufatanye mu by'ubuzima, imikoranire mu by'ubucuruzi, ubukungu n'ishoramari.

# Inyungu zo kuba Nigeria na Botswana byakuriyeho visa Abanyarwanda

NTAWITONDA Jean Claude

***Intangiriro z'uku kwezi kwa Gicurasi 2026 zarushijeho kugaragaza intambwe nshya mu butwererane bw'u Rwanda, aho rwungutse ibihugu bishya birwitura ubushake rwagize mu gukuriraho visa abaturage bose baturutse mu bihugu bya Afurika.***




Nigeria na Botwsana zakuriyeho Visa Abanyarwanda berekezayo

Nyuma y'iminsi igera ku 10 u Rwanda na Botswana bisinyanye amasezerano ahesha Abanyarwanda gukurirwaho visa mu gihe cy'amezi atandatu, Perezida wa Nigeria Bora Tinubu we yakuriyeho Abanyarwanda visa mu gihe cy'iminsi 30. Kuri Botswana, uyu wari umusaruro w'uruzinduko rw'akazi rw'iminsi ibiri rwa Perezida wa Repubulika Paul Kagame i Gaborone ku wa 6 no ku 7 Gicurasi 2026.

Kuri Nigeria, icyo cyemezo cyatangajwe n'Ibiro bishinzwe Abinjira n'Abasohoka bya Nigeria nyuma y'uruzinduko rwa Perezida Bola Ahmed Tinubu mu Rwanda, aho yari yitabiriye Inama y'Abayobozi b'Ibigo (Africa CEO Forum 2026) yateraniye i Kigali ku nshuro yayo ya 13.

Gukuriraho Abanyarwanda visa bajya muri Nigeria na Botswana bifite inyungu nyinshi mu rwego rw'ubukungu, ubucuruzi, ubukerarugendo n'imikoranire ya dipolomasi. Ku birebana n'ubucuruzi n'ishoramari, kuri ubu abacuruzi n'abashoramari b'Abanyarwanda borohewe no gukora ingendo muri ibyo bihugu bagashaka amasoko n'abafatanyabikorwa mu bwisanzure.

Nigeria ni igihugu gifite isoko rinini cyane muri Afurika kubera abaturage benshi n'ubukungu bunini, mu gihe Botswana izwiho ubukungu buhamye n'imiyoborere myiza byose bikaba bitanga inyungu zifatika ku Rwanda.

Ku birebana no koroshya ingendo no kongera ubuhahirane, iyo visa ikuweho, ingendo ziroroha kandi zigahenduka, bigatuma habaho urujya n'uruza rw'abantu benshi hagati y'ibihugu, bikazamura ubuhahirane, ubwikorezi n'ubufatanye mu nzego zitandukanye.

Ku birebana no guteza imbere gahunda y'Isoko Rusange (AfCFTA), u Rwanda n'ibihugu byakuyeho visa biteye intambwe yo kurushaho kwimakaza ubutwererane bw'Abanyafurika bubafitiye inyungu kandi bubafasha kubyaza umusaruro umwihariko wabo.

Mu gihe u Rwanda rwakuriyeho visa Abanyafurika bose guhera mu mwaka wa 2018, kubona ibihugu byahawe ayo mahirwe na byo biyasubiza ni intambwe ikomeye mu kurushaho kubaka Afurika itazitiwe n'imipaka yashyizweho n'abakoloni. Gukuriraho Visa Abanyarwanda ni indi ntambwe yo kongerera amahirwe urubyiruko yo gutanga umusanzu mu iterambere ry'aho bakomoka n'aho babonye amahirwe atandukanye n'ay'iwabo.

Urubyiruko, abanyeshuri n'abakora mu nzego zitandukanye bashobora kubona amahirwe y'akazi, amahugurwa cyangwa ubufatanye bworoshye muri ibyo bihugu, bugafasha mu guhanahana ubumenyi n'inararibonye.

Indi ngingo ikomeye ishingiye ku gukuraho visa, ni uko kuri ubu Abanyarwanda bashobora gusura Nigeria na Botswana mu buryo bworoshye, ndetse n'abo muri ibyo bihugu bagasura u Rwanda bigafasha ibigo by'ubukerarugendo n'ubucuruzi bushingiye ku ngendo.

Hejuru y'ibyo byose, gukuraho visa ni ikimenyetso cy'uburyo umubano w'u Rwanda mu bya dipolomasi ukomeza kwaguka aho ubufatanye mu bya Politiki, umutekano, ubucuruzi n'iterambere bikomeje kuba inkingi ya mwamba. Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, Amb. Olivier Nduhungirehe ati: "[…] Mu by'ukuri iyi ni yo Afurika dushaka."

Ku Rwanda by'umwihariko, gukurirwaho visa no kuyikuriraho abanyamahanga binajyana n'icyerekezo cyo kwagura umubano warwo no gukomeza kuba igihugu gishyigikira ukwishyira hamwe kwa Afurika.

# Perezida Museveni yarahiriye kongera kuyobora Uganda muri manda ya 7




Perezida wa Uganda, Yoweri Kaguta Museveni yarahiriye kongera kuyobora icyo gihugu muri Manda ya 7

KAMALIZA Agnes

***Ku wa Kabiri, tariki ya 12 Gicurasi 2026, Perezida Yoweri Kaguta Museveni yarahiriye kongera kuyobora Uganda muri manda ye ya karindwi izamara imyaka itanu.***

Ibirori byo kurahira kwe byabereye mu mbuga ya Kololo Ceremonial Grounds mu Murwa Mukuru Kampala aho byitabiriwe n'abaturage bagera ku bihumbi 40 n'Abakuru b'Ibihugu 35, ndetse n'Abayobozi 30 bo ku rwego rw'Abadipolomate n'abandi batandukanye.

Ni mu gihe Leta ya Uganda yatanze ikiruhuko mu gihugu hose mu rwego rwo kugira ngo abaturage bakurikirane uwo muhango.

Perezida Museveni w'imyaka 81 yatsinze amatora y'Umukuru w'Igihugu muri Mutarama uyu mwaka ku majwi 71,6% atsinze abandi bakandida barindwi bari bahanganye.

Nyuma y'uko Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga wa Uganda, Alphonse Owiny-Dollo arahije Perezida Museveni yamushyikirije ibirango by'Igihugu birimo; Itegeko Nshinga,Ibendera ry'Igihugu,Ibirango bya Gisirikare,Inkota,Indirimbo yubahiriza Igihugu n'ibindi.

Ni umuhango waranzwe n'imyiyereko itandukanye haba iya gisirikare ndetse n'umuco. Imyiyereko ya Gisirikare ni imwe mu banyuze imbaga y'abitabiriye; aho biyerekanye mu buryo butandukanye burimo akarasisi kagenda mu ngendo yoroheje n'iyihuta.

Ni umunsi kandi waranzwe no kwerekana intwaro aho hagaragajwe ibifaru, imodoka z'intambara n'imbunda nini.

Abasirikare bagaragaje ubuhanga mu myiyereko yo mu kirere bagendera mu mitaka, hagaragajwe indege z'intambara nka Sukhoi Su-30, MiG-21, na MiG-23, ndetse na kajugujugu z'intambara ziyerekanye mu kirere mu rwego rwo kugaragaza ubushobozi bw'ingabo zirwanira mu kirere.

Perezida Museveni yatangiye kuyobora Uganda mu 1986; ariko akaba yaratowe mu buryo rusange mu 1996 aho manda ya mbere yarangiye mu 2001, atorerwa iya kabiri mu 2001-2006, akomeza iya gatatu 2006 – 2011, iya kane 2011 – 2016, iya gatanu 2016 – 2021, iya gatandatu 2021 – 2026, mu gihe iya karindwi azayisoza 2031.

# 2022-2026: Abakozi ba Leta 329 birukanwe mu kazi kubera imyitwarire mibi

ZIGAMA Theoneste

***Raporo ya Komisiyo y'Igihugu Ishinzwe Abakozi ba Leta (NPSC) yagaragaje ko kuva mu 2022 kugeza ubu mu 2026, abakozi ba Leta 1056 bahawe ibihano kubera imyitwarire mibi mu kazi, aho abagera kuri 329 birukanwe mu kazi, bingana na 31,1%.***

Ibi byagarutsweho ku wa 13 Gicurasi 2026, mu Nama ya Gatatu, yahuje NPSC n'ibindi bigo hagamijwe gusuzuma no kuganira ku myitwarire mbonezamurimo y'abakozi ba Leta. Iyo Raporo yagaragaje ko ko mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2022/2023, abakozi ba Leta 257 bahawe ibihano kubera imyitwarire mibi, muri bo 58 birukanwa mu kazi, bingana na 22,5%.

Mu mwaka wa 2023/2024, hahanwe abakozi 182, muri bo 73 birukanwa mu kazi, bingana na 28,4%. Mu mwaka wa 2024/2025, abahanwe bageze kuri 278, aho 96 birukanwe mu kazi, bingana na 37,3%. Ni mu gihe mu bihembwe bitatu bya mbere by'umwaka wa 2025/2026, hamaze guhanwa abakozi 339, barimo 102 birukanwe, bingana na 30,2%.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa NPSC Muganza Angelina, yavuze ko imyitwarire mibi y'abakozi ba Leta idahombya gusa abaturage baba bakeneye serivisi nziza, ahubwo ko inahombya Leta n'abakozi ubwabo. Yavuze ko igihe umukozi wa Leta agaragaweho amakosa akomeye kugeza yirukanwe, Leta iba yahombye amafaranga yashowe mu kumushaka, kumutoza no kumukoresha, ndetse ikanagomba gushaka undi umusimbura.

Yasabye abakoresha kujya baha abakozi amahugurwa ahagije ku myitwarire mbonezamurimo kuva batangiye akazi, kuko hari benshi batangira imirimo basobanuriwe inshingano zabo gusa, ariko ntibigishwe bihagije ku ndangagaciro n'imyitwarire ibakwiye.

Yagize ati: "Kutitwara neza bihombya Leta mu buryo bwa serivisi uwo mukozi atanga. Kugira ngo umukozi agiye gushyirwa mu kazi hakoreshwa amafaranga. Leta igahomba amafaranga amusimbura kubera wenda yirukanwe, ariko nk'umukozi wa Leta arahomba kuko yari yitunze, wenda agiye kuba utagira akazi."

Himakajwe ubuziranenge mu mitangira serivisi za Leta

Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu Gitsura Ubuziranenge, Murenzi Raymond yavuze ko hashyizweho amabwiriza y'ubuziranenge ajyanye no kunoza serivisi zitangwa mu nzego za Leta, azwi nka R600, hagamijwe guteza imbere imitangire ya serivisi inoze no gukomeza kwimakaza imyitwarire myiza mu bakozi ba Leta.



Aha bari mu nama yo gusuzuma no kuganira ku myitwarire mbonezamurimo y'abakozi ba Leta

Yagize ati: "Ikiri muri aya mabwiriza y'ubuziranenge ni uguhora twisuzuma kugira ngo tumenye ngo isi serivisi tugomba gutanga nk'urwego rwa Leta niba tuyubahiriza." Yashimangiye ko amabwiriza y'ubuziranenge aho yimakwaje mu bindi bihugu byatanze umusaruro.

Murenzi yavuze ko ikigo cya Leta kugira ngo kibe cyujuje amabwiriza y'ubuziranenge ajyanye n'imyitwarire mbonezamurimo kiba kigomba kugira abayobozi beza kandi gifite inyandiko igaragaza uko serivisi zitangwa.

Yagize ati: "Kimwe mu bintu bidukomereye, ni ukutagira inyandiko zigaragaza uko dutanga serivisi buri munsi, aho usanga niba umuyobozi avuye mu kigo runaka ugasanga harahora impinduka, kubera umuyobozi cyangwa umukozi mushya winjiye mu nshingano, ntasobanurirwe inzira serivisi isanzwe itangirwamo."

Izo nzego za Leta zihaye umukoro wo kwandika amabwiriza atandukanye ajyanye n'imyitwarire mbonezamurimo mu rwego kunoza akazi. U Rwanda rufite intego yo mu cyerekezo 2050 yo kunoza imitangire ya serivisi mu bakozi ba Leta ikagera ku gpimo cya 90% mu gihe kuri ubu biri kuri 73%.

# Abakozi ba 'Hoteli Ntende' bishimira ko umurimo wabo ubahesha agaciro




**Hotel Ntende yatangijwe n'Abahinzi b'umuceri mu gishanga cya Ntende mu Karere ka Gatsibo**



**Koperative Coproriz Ntende, irimo kubaka isoko ry'umuhinzi rizajya rikora nk'irya gisirikare rizwi nka Army Shop**



**Cyprien Mbarubucyeye, yakomeje kongera ubumenyi, ubu yiga muri Kaminuza yo hanze abikesheje umushahara ahembwa na Hotel Ntende**



**Mugisha Emmanuel, uhagarariye ishami ry'ishoramari**

**KAYITARE Jean Paul**

***Abakozi ba Hoteli Ntende iherereye mu Karere ka Gatsibo, barishimira ko ubuyobozi bwayo buborohereza kongera ubumenyi kugira ngo barusheho gutanga serivisi zinoze. Bavuga kandi ko banishimira uko ubuyobozi bw'iyo Hoteli bwubahiriza ibikubiye mu masezerano y'akazi bagirana bityo bikabafasha kwiteza imbere.***

Hoteli Ntende y'inyenyeri ebyiri, ni iy'abahinzi b'umuceri bibumbiye muri Koperative Coproriz Ntende, ibarizwa mu Murenge wa Rugarama mu Karere ka Gatsibo mu Ntara y'Iburasirazuba. Bamwe mu bakozi bayikorera bavuga ko biteje imbere bakaba batagikodesha, baguze amasambu, abandi bongera ubumenyi biturutse ku mushahara mwiza bagenerwa buri kwezi, bagahamya ko umurimo bakora uhabwa agaciro n'umukoresha wabo.

Nshimiyimana Jean Baptiste, umubaruramari mukuru muri Coproriz Ntende, avuga ko yatangiranye na koperative kuva mu 2007 ari abakozi Batanu, kuva icyo gihe abakozi bahemberwa ku gihe, bikihutisha iterambere ry'imiryango yabo. Ati: "Maze imyaka 19 nkorera Koperative, hari byinshi yangejejeho, ndatuye, abana bariga, naguze ubutaka ntaha iwanjye ntabwo nkodesha, urumva ibyo bintu byose mfite ni ukubera ko koperative impemba neza kandi ku gihe hanyuma nkabasha nanjye kwiteza imbere."

Yishimira ko koperative ishyira umukozi mu mwanya ujyanye n'ibyo yize. Ishami ry'ibaruramari n'icungamutungo ribarizwamo abakozi 18 kandi bose ngo bize ibijyanye n'ibyo bakora. Abakozi ba koperative Coproriz Ntende, babanye nk'abagize umuryango kuko bakora ibikorwa bibateza imbere biturutse ku kigega bashyizeho kibagoboka igihe bafite ibirori cyangwa n'ibindi bibasaba ko bakenera amafaranga ku buryo bwihuse.

Agira ati: "Kuva 2017 twebwe nk'abakozi twashyizeho icyo twita sosiyale (ikigega cy'ingoboka) dufite ikigega duhuriyemo gifite umutungo urenga miliyoni 20. Umukozi ukeneye amafaranga yihuse nk'ibihumbi 300, bagenzi be barayamuguriza akazayishyura yongeyeho amafaranga 2% ku kwezi, akayishyura ayakuye ku mushahara we."

Avuga ko umukozi ufite ubukwe bashobora kumutwerera nka miliyoni. Uwagize ibyago n'uwagize ubukwe bityo usanga ngo bafashanya nk'abakozi bashyize hamwe.

Mu kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'umurimo, Nshimiyimana ahamya ko na bo bawizihije, abari mu kazi kubera abakiliya bakiraga ari benshi, bagize ibyo bagenerwa kugira ngo na bo bishimire umunsi w'umurimo nk'abandi bose.

Kellen Kabatesi, Umukozi wa Ntende Hoteli, yabwiye Imvaho Nshya ko gukorera iyi Hoteli ari umugisha kuko bayungukiraho byinshi bijyanye n'iterambere. Ati: "Gukora hano ni umugisha, naje hano ntari umunyeshuri ariko kubera ko aha hantu dukorera bafata neza abakozi, nabonye n'uburyo bwo kuba natangira kwiga Kaminuza, nkaba ndi umunyeshuri kandi nanakora, icyo ni ikintu nkesha kuba nkorera hano."

Akomeza avuga ko gukorera Hoteli Ntende byabaguye mu bijyanye n'ibyo binjiza, mu bitekerezo no mu mikorere. Kugeza ubu Kayitesi yiga muri East African University, ishami rya Nyagatare. Umunsi mpuzamahanga w'Umurimo, wamufashije kongera gutekereza ko agomba gukora cyane kugira ngo azagire ejo heza nk'urubyiruko.

Mbarubucyeye Cyprien na we umaze igihe ari umukozi wa Hoteli Ntende, avuga ko ukuntu bafashwe mu kazi bisa nk'aho ari abana bari mu muryango. Yagize ati: "Coproriz Ntende yagiye idufasha kugera kuri byinshi bitandukanye, yaramfashije niga Kaminuza ndayirangiza ubu nkomereje ku kindi cyiciro cya CIPS (The Chartered Institute of Procurement and Supply), ni igikorwa cy'indashyikirwa navuga kidasanzwe kugira ngo Coproriz Ntende ikomeze kumfasha kwiga."

Ahamya ko ibijyanye no gufata neza umukozi muri Koperative Coproriz Ntende, biri ku rwego rwo hejuru. Ibi abishingira ku kuba yarashoboye kwiga biturutse ku mushahara agenerwa kandi ubuyobozi bukabibafashamo.

Mugisha Emmanuel, uhagarariye ishami ry'ishoramari rigizwe na Hoteli, ubworozi bw'inkoko, imboga n'imbuto bikoreshwa muri Hotel Ntende, avuga ko iyi Hoteli yatanze akazi kandi abayikorera bishimira uko ubuyobozi bubitaho.

Ati: "Abakozi bakorana umurava mu kazi bashinzwe, tukakira neza abatugana, duhembwa neza na Koperative ndetse gukora muri Hoteli byaduhesheje byinshi; byaduhuje n'ibigo by'imari [...] abenshi mu bakozi uzasanga

KOMEZA KU RUP.13

# Abakozi ba 'Hoteli Ntende' bishimira ko umurimo wabo ubahesha agaciro

IBIKURIKIRA URUP.12

biga mu bihe byo mu mpera z'icyumweru, bivuze ko barimo kuzamura urwego rwabo."

Mugisha avuga ko bagiye bahabwa amahugurwa no kongera ubushobozi, ibyo bigatuma barushaho gutanga serivisi nziza muri Hoteli.

Agira ati: "Njyewe ku giti cyanjye, kuba nkorera muri Coproriz Ntende by'umwihariko mu ishami ry'ishoramari, ni ishema kuri njyewe. Icya mbere ni ikigo gifite ahazaza, niteje imbere ku buryo bugaragara, uko nari meze ntangira akazi ntabwo ari ko uyu munsi nkimeze; haba mu muryango iwanjye no mu buzima bwa buri munsi."

Akomeza agira ati: "Nashoboye kubakira umuryango wanjye, utuye neza kandi si ibyo byonyine, n'uburyo bwo kugenda na bwo bwagiye bushoboka mbikesheje koperative. Usibye n'ibyo, byampesheje no guhura n'ibigo by'imari bingirira icyizere bitewe n'ikigo nkorera. Inguzanyo nashaka yose muri banki nayibona bitewe n'uko nkorera Koperative Coproriz Ntende."

Ashimangira ko muri Koperative Coproriz Ntende, bafasha Leta mu guteza imbere no guhanga imirimo mishya mu rwego rwo gufasha Leta mu ntego yihaye yo guhanga imirimo mishya 250,000 buri mwaka muri gahunda ya NST2.

Emmanuel Munyaburanga, Perezida wa Koperative y'abahinzi b'umuceri mu gishanga cya Ntende, Coproriz Ntende, avuga ko batangiye ari abahinzi, kwishyira hamwe bigoranye ariko nanone biri muri gahunda ya Leta ko abantu bakwishyira hamwe. Ati: "Ni muri urwo rwego twatangiye turi abahinzi, tugera ku gitekerezo cy'uko haba ishoramari rigizwemo uruhare na ba nyiri koperative, twubaka Hoteli Ntende."

Koperative Coproriz-Ntende yatanze akazi, bijyanye na gahunda ya Leta yo gushaka uburyo abantu bakwihangira imirimo kandi bagatanga akazi no ku bandi bantu. Munyaburanga yabwiye Imvaho Nshya ko Koperative ikoresha abakozi 96 bafite amasezerano, abakozi bagera kuri 80 bashinzwe guterura no gupakira umusaruro w'abahinzi n'abandi 30 bakora nyakabyizi mu rwego rw'ubuhinzi.



Kellen Kabatesi, umwe mu bakozi ba Ntende Hotel

Akomeza agira ati: "Uburyo dutanga akazi ni uburyo bwemewe n'amategeko, dushyiraho amatangazo kuri Radiyo Rwanda na Televiziyo, tugashyira amatangazo mu Mirenge, n'ubu dufite ikizamini twakoresheje ejobundi, dushaka abakozi 6 biyongera kuri 96. Tubikora mu buryo bwa kinyamwuga, abantu baraza bagapiganwa, hanyuma abatsinze cya kizami akaba ari bo duha akazi."

Muri gahunda y'Igihugu ya Kabiri yo Kwihutisha Iterambere (NST2), Leta y'u Rwanda yihaye intego yo guhanga imirimo mishya 1,250,000 mu myaka itanu (2024-2029), bingana n'imirimo ibihumbi 250 buri mwaka. Iyi gahunda izibanda ku guteza imbere inganda, ikoranabuhanga, ubukerarugendo n'ubuhinzi bugezweho, by'umwihariko hagamijwe guha urubyiruko n'abagore imirimo myiza kandi ibyara inyungu.

# Minisitiri Murangwa yagizwe Umuyobozi Mukuru w'Inama y'Ubuyobozi ya EADB

**ZIGAMA Theoneste**

***Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi w'u Rwanda, Yusuf Murangwa, yagizwe Umuyobozi Mukuru mushya w'Inama Nkuru y'Ubuyobozi ya Banki y'Afurika y'Ibihugu by'Afurika y'Iburasirazuba Itsura Amajyambere (East African Development Bank,EADB), asimbuye Umunya-Uganda Matia Kasaija.***

Inama Nkuru y'Ubutegetsi ni rwo rwego rukuru ruyobora EADB nk'uko biteganywa n'amasezerano ayigenga. Iyi banki yashinzwe mu 1967 hashingiwe ku masezerano y'Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba. Kugeza ubu, ihuriweho n'ibihugu bine bigize uwo muryango ari byo Rwanda, Uganda, Kenya na Tanzania, hamwe n'ibindi bigo by'imari by'iterambere n'ubucuruzi.

Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri y'Imari, Igenamigambi n'Iterambere ry'Ubukungu muri Uganda, Ramathan Ggoobi, yagizwe Perezida w'Inama y'Ubutegetsi ya EADB mu gihe cy'imyaka ibiri, asimbuye Dr Natu Mwamba.



Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi, Yusuf Murangwa yagizwe Umuyobozi Mukuru mushya w'Inama Nkuru y'Ubuyobozi ya EADB

Ubuyobozi bushya bwatangajwe mu nama y'Inama Nkuru y'Ubutegetsi ya EADB yabereye i Kampala muri Uganda yateranye muri iki cyumweru. Muri iyo nama kandi, iyi banki yamuritse ikigega cya miliyoni 13 z'Amadolari ya Amerika kizafasha urubyiruko n'abagore mu iterambere.

Iki kigega gishya cyitezweho gutera inkunga ibikorwa by'ubucuruzi biyobowe n'urubyiruko n'abagore mu Karere ka Afurika y'Iburasirazuba, hagamijwe guteza imbere uburyo bwo kubona inguzanyo ku buryo busesuye. Gishingiye kuri gahunda y'ibikorwa bya EADB ya 2024–2028 ndetse n'inshingano zayo zo guteza imbere imibereho myiza n'iterambere rirambye mu bihugu biyigize.

Matia Kasaija yavuze ko iki kigega ari intambwe ikomeye mu guteza imbere ibigo by'urubyiruko n'abagore binyuze mu nguzanyo zitangwa mu buryo bwitondewe kandi bugamije umusaruro, zizanyuzwa mu bigo by'imari bifatanya na EADB.

Yagize ati: "Nubwo igice kinini cy'iki kigega kizava mu nyungu za banki, twasabye ubuyobozi gukomeza gushaka andi mafaranga aturuka ku bafatanyabikorwa mu iterambere kugira ngo iki kigega kirusheho kugira uruhare runini kandi gikore mu buryo burambye."

Ibi bije mu gihe EADB yatangaje ko yungutse cyane, aho inyungu y'imisoro ziyongereyeho 51%. Izo nyungu zageze kuri miliyoni 16,93 z'Amadolari ya Amerika mu mwaka warangiye mu Ukuboza 2025, zivuye kuri miliyoni 11,20 z'Amadolari mu mwaka wa 2024.

Iyo Banki kandi yagaragaje izamuka rikomeye mu bikorwa byo gutanga inguzanyo, aho amafaranga yatanzwe yiyongereyeho 140%, mu gihe inguzanyo zitarishyurwa ziyongereyeho 52% mu mpera z'umwaka, bigaragaza imikorere myiza n'izamuka ry'ubushobozi bwo kwishyurwa kw'inguzanyo.

Matia Kasaija yavuze ko iyo mikorere myiza yatewe n'ubushobozi bwa banki bwo gushaka imari no gushyiraho uburyo bushya bwo gutera inkunga imishinga itandukanye.

Yagize ati: "Iyi mikorere myiza igaragaza ubushobozi bwa EADB bwo gushaka umutungo no gutanga ibisubizo bishya mu gutera inkunga ibikorwa bitandukanye. Mu mwaka ushize, twafashije imishinga myinshi itandukanye mu nzego z'ingenzi z'ibihugu binyamuryango."

# BRD yegereje abaturage serivisi z'imari ihendutse binyuze muri SACCO z'Uturere



Ubuyobozi bwa SACCO Ishema, bwavuze ko ubufatanye na BRD buzafasha guteza imbere abaturage binyuze mu kubafasha kubona serivisi z'imari zihuse zinabegereye

KAYITARE JEAN PAUL

***Banki y'Amajyambere y'u Rwanda (BRD PLC), yatangije ku mugaragaro gahunda yo kwegereza abaturage serivisi z'imari, zizajya zitangirwa muri za SACCO zo ku rwego rw'Akarere mu gihugu hose. Ni igikorwa cyatangijwe ku rwego rw'Igihugu ku mugaragaro mu Karere ka Nyamagabe muri Ishema SACCO Nyamagabe, ifite abanyamuryango basaga 180,000.***

Zimwe mu nguzanyo zizatangwa muri iyi gahunda harimo iyitwa 'Kataza' ifasha abahinzi n'abarozi, abari mu bikorwa by'ubukerarugendo ndetse no kwakira abashyitsi kubona inguzanyo ku nyungu itarengeje 9% yishyurwa hagendewe ku bushobozi bw'umushinga, ikaba igenewe abatarengeje imyaka 35 y'amavuko, aho 80% mu bayigenewe ari abari n'abategarugori.

Harimo kandi indi nguzanyo yitwa 'Iganze muhinzi mworozi' igenewe abahinzi n'aborozi mu byiciro byose nayo itangwa ku nyungu nto ugereranije n'izindi kandi ikaba yakwishyurwa no mu gihe kirekire bijyanye n'imiterere n'ubushobozi bw'umushinga.

Bamwe mu bahinzi-borozi batangiye gusogongera kuri iyi nguzanyo, barimo Mukayiranga Josiane w'imyaka 25, utuye mu murenge wa Buruhukiro, mu Karere ka Nyamagabe. Asanzwe akora ubuhinzi ariko akagorwa no guhingira igihe, kuko yakoreshaga abakozi batatu gusa.

Muri Gashyantare uyu mwaka, yahawe inguzanyo muri gahunda ya 'Kataza' none ubu akoresha abakozi 17 bahoraho. Aho yahingaga ibilo 10 by'ingano, ubu ahinga ibilo 200 by'imbuto icyarimwe. Ati "Ubu ndakataje, ndateganya ko abantu bazajya bamfata nk'icyitegererezo mu buhinzi iwacu, bakaza no gukura imbuto iwanjye."

Ni intego ahuriyeho na Munyanziza Frodouard wo mu Murenge wa Tare, ukora ubuhinzi bw'icyayi, ibigori n'ubworozi bw'inka, ingurube za kijyambere hamwe n'inkoko, ariko akaba ateganya kwagura ibikorwa akoresheje inguzanyo yemerewe muri iyi gahunda ya BRD bunyuze mu Ishema SACCO Nyamagabe.

Munyanziza wasinye amasezerano y'inguzanyo, yavuze ko ashaka gukora ubuhinzi bw'ibirayi kuri hegitari 7 ndetse no gutangiza uruganda rukora ifumbire y'imborera yifashishije amaganga y'amatungo ruzatwara hafi miliyoni 10 Frw, akazajya ayigurisha no mu bandi bahinzi bamwegereye. Ati "Ndashaka gukora ubuhinzi n'ubworozi butarimo akajagari, ku buryo nzamura ibikorwa bikagaragara, kandi nkatanga akazi kuri benshi, mbikesha iyi nguzanyo ngiye guhabwa."

Muri uyu muhango kandi ibyiciro binyuranye birimo abafite ubumuga, urubyiruko, abari n'abategarugori, impunzi n'abandi bashyize umukono ku masezerano y'inguzanyo bahawe.

Umuyobozi wa Ishema SACCO, Zabanyinshi Jean Baptiste, yavuze ko ubu bufatanye na BRD buzafasha guteza imbere abaturage binyuze mu kubafasha kubona serivisi z'imari zihuse kandi zibegereye, kuko abenshi bagorwaga no kubona inguzanyo zihendutse zibafasha kwagura ibikorwa byabo.

Umuyobozi Mukuru wa BRD, Stella Rusine Nteziryayo, yavuze ko banki BRD ikomeje gushyira imbaraga mu gufasha Abanyarwanda kugera kuri serivisi z'imari binyuze mu gukorana bya hafi na SACCO, kandi biteze ko bizabateza imbere.

Yagize ati: "Ubufatanye dufitanye na SACCO z'Uturere butuma serivisi zacu z'imari ihendutse zegerezwa abaturage kurushaho, bityo amahirwe y'iterambere akabageraho byoroshye. Turashishikariza abahinzi n'abikorera by'umwihariko kwitabira izi nguzanyo zifite inyungu nto, kugira ngo biteze imbere. Tuzakomeza gutanga serivisi zinoze, zihuta kandi zitanga igishoro gikenewe mu guteza imbere ubucuruzi."



Stella Rusine Nteziryayo, Umuyobozi Mukuru wa BRD, yasuye bimwe mu bikorwa by'ubworozi bw'abagenerwabikorwa

Uyu muyobozi yabasabye ko abari kugerwaho n'izi nguzanyo bakomeza gukura mu bikorwa ntibazakomeze gusaba amafaranga mu bigo biciritse, ahubwo bakagana izindi banki z'ubucuruzi, izicirirtse zigasigara zifasha urubyiruko rukizamuka.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Intara y'Amajyepfo, Nshimiyimana Védaste, yabwiye abagenerwabikorwa b'izi nguzanyo kuziha agaciro, kuko zizabaha uburyo bwo gukora bwisumbuye, bityo bakwiye gukuba inshuro nyinshi umusaruro, bagahamya intego y'iterambere y'imyaka itanu (NST2). Ati: "Ubu namwe mwungutse imbaraga, twizeye ko muzongera umusaruro mukagera kuri toni 10 z'ibigori kuri hegitari mukanarenza, ibiribwa n'amafaranga bikiyongera."

Ishema SACCO yatangirijwemo iyi gahunda, izanyuzwamo inguzanyo z'arenga miliyari 1.4 Frw, aho muri gahunda ya Kataza hazatangwa miliyoni 500 Frw, muri 'Iganze muhinzi mworozi' hagatangwa miliyoni 940 Frw. Ni mu gihe kugeza ubu 40% by'abazigenewe bamaze kuzihabwa.

Kuva mu mwaka wa 1967, Banki y'Amajyambere y'u Rwanda (BRD) ni yo banki y'igihugu ishinzwe guteza imbere iterambere rirambye. Itanga inguzanyo zihendutse, n'iz'igihe kirekire kandi zijyanye n'ibikenewe n'abakiliya.

Mu myaka isaga 59, BRD yateye inkunga imishinga itandukanye mu nzego zirimo ibikorwa remezo, ubuhinzi, imiturire, uburezi, imishinga ibungabunga ibidukikije, ibyoherezwa mu mahanga n'inganda. Iyi mishinga igira uruhare rukomeye mu kugera ku ntego z'iterambere ry'igihugu, zirimo NST2, icyerekezo 2050 ndetse n'Intego z'Iterambere Rirambye (SDGs).

# Minisitiri Nduhungirehe yanyomoje RDC ivuga ko yatanze ikiganiro cyikoma u Rwanda muri Africa Forward Summit

ZIGAMA Theoneste

***Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane w'u Rwanda, Amb Olivier Nduhungirehe, yatangaje ko Ishami ry'Itumanaho ry'Ibiro bya Perezida wa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) ryatangaje amakuru atari yo ku bijyanye n'uruhare rw'icyo gihugu mu nama y'ubufatanye bw'Afurika n'u Bufaransa (Africa Forward Summit) yabereye i Nairobi muri Kenya, kuva tariki ya 12 kugeza ku ya 13 Gicurasi 2026.***

Mu butumwa bwatangajwe n'Ibiro bya Perezida wa RDC tariki ya 14 Gicurasi 2026, havuzwemo ko icyo gihugu "cyitabiriye ibiganiro, gisaba kubahiriza ubufatanye mpuzamahanga, dipolomasi ndetse no guhagarika guceceka ku byaha ndengakamere n'ubushotoranyi kimazemo imyaka 30, bushinjwa u Rwanda."



**Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, Amb. Nduhungirehe yagaragaje imikorere y'Akanama ka Loni**

Icyakora, kuri uyu wa Gatanu tariki ya 15 Gicurasi 2026, Minisitiri Nduhungirehe yavuze ko ayo makuru ari ibinyoma bidafite ishingiro. Ati: "Ibi ni inkuru mpimbano zahimbwe kuva ku ntangiriro kugeza ku iherezo. Biteye ipfunwe kubona urwego rwa Leta rutangaza amakuru nk'aya adafite aho ahuriye n'ukuri."

Yasobanuye ko RDC nta ruhare na rumwe yagize mu biganiro by'ingenzi byabereye muri iyo nama, ahubwo Perezida wayo yagaragaye gusa mu muhango wo gusoza inama. Nduhungirehe yavuze ko muri Africa Forward Summit habaye ibiganiro bitatu by'ingenzi byayobowe na Perezida wa Kenya, William Ruto, na Perezida w'u Bufaransa, Emmanuel Macron, bikitabirwa n'Abakuru b'Ibihugu n'abahagarariye za Guverinoma zitandukanye.

Ibyo biganiro byibanze ku ngingo zirimo inganda zitangiza ibidukikije n'impinduramatwara mu by'ingufu, ivugururwa ry'urwego rw'imari mpuzamahanga, ndetse n'amahoro n'umutekano. Ati: "Ibyo biganiro byagenze neza kandi byaranzwe n'ubwitabire bw'Abakuru b'Ibihugu. Ariko muri ibyo biganiro byose uko ari bitatu, intebe ya RDC yakomeje kuba irimo ubusa."

Yakomeje avuga ko kubera kutitabira ibyo biganiro, RDC itashoboraga kugira icyo "isaba" cyangwa uwo "ishinja" i Nairobi, nk'uko byatangajwe n'Ibiro bya Perezida wa RDC.

# U Rwanda rwitabiriye imyitozo y'inzego z'umutekano ya EAC


**U Rwanda ruri mu bihugu byitabiriye imyitozo ya Ushirikiano Imara 2026**

KAMALIZA Agnes

***U Rwanda rwifatanyije n'ibihugu birimo Kenya, u Burundi, Uganda, Tanzania, na Somalia byitabiriye imyitozo ya gisirikare y'Ingabo n'izindi nzego z'umutekano z'Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba (EAC) izwi nka 'Ushirikiano Imara 2026'. Ni imyitozo ibaye ku nshuro ya 11, irimo kubera muri Kenya, yatangiye ku wa 11 Gicurasi , ku Ishuri ry'Amahugurwa yo kubungabunga amahoro riherereye Embakasi i Nairobi muri Kenya.***

Iyo myitozo y'ibyumweru bitatu ifite insanganyamatsiko igira iti: "Gushimangira ubufatanye n'ubushobozi bw'Akarere mu kubungabunga amahoro, umutekano n'ubudahangarwa", aho ishimangira intambwe ikomeye mu kubungabunga amahoro, umutekano n'ubufatanye bwa gisirikare hagati y'ibihugu bigize EAC.

Iyo myitozo yahuje ingabo n'abafatanyabikorwa bo mu Karere mu by'umutekano hagamijwe gukomeza uburyo bwo guhuriza hamwe imbaraga mu by'umutekano no kongera ubushobozi bwo guhangana n'ibibazo bigendanye na wo.

Iyi myitozo yitabiriwe n'abagera kuri 342 baturutse mu nzego za gisirikare, polisi, abasivili n'izindi nzego zifite aho zihuriye n'ibikorwa byo kubungabunga amahoro n'umutekano mu Karere. Ikaba ije mu gihe Akarere gahanganye n'ibibazo by'umutekano birimo; iterabwoba, ibyaha byambukiranya imipaka, ibitero by'ikoranabuhanga, ibiza n'ibindi bisaba ubufatanye bw'ibihugu mu kubihashya.

Binyuze mu igenamigambi rihuriweho, hareberwa hamwe ibikorwa bishingiye ku kwiga ibikorwa bya gisirikare ku rugamba n'ihuzabikorwa rikozwe neza. Ingabo ziri muri iyi myitozo zizanoza uburyo bwo kuyobora no kugenzura ibikorwa bya gisirikare, guhuza amahame y'imikorere no kongera ubushobozi bwo gukorana hagati y'ibihugu bya EAC.

Umukozi muri Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga ya Kenya, Lindsay Kiptiness, yavuze ko iyi myitozo igaragaza ubushake bwa EAC bwo gukomeza kubaka ubufatanye mu guhangana n'ibibazo by'umutekano byo mu karere n'ibyambukiranya imipaka. Yashimangiye ko imyitozo ihuriweho n'ubufatanye bwa gisirikare ari ingenzi mu kongera ubushobozi bwo kwitegura, no gukemura ibibazo by'umutekano mu karere.

# Maj. Gen. Nyakarundi yasuye Ingabo z'u Rwanda zoherejwe muri Centrafrique

SHEMA Ivan

***Umugaba Mukuru w'Ingabo zirwanira ku butaka, Maj Gen Vincent Nyakarundi, ari kumwe n'intumwa ayoboye, yasuye abasirikare b'u Rwanda bari mu butumwa bw'Umuryango w'Abibumbye bwo kubungabunga amahoro muri Repubulika ya Centrafrique (MINUSCA), by'umwihariko Batayo ya mbere (RWABATT-1).***

Ni igikorwa cyabaye ku wa Mbere tariki ya 11 Gicurasi 2026 ku birindiro by'Ingabo z'u Rwanda kigo cya Socatel M'Poko giherereye mu Mujyi wa Bangui.

Maj Gen Nyakarundi yabagejejeho ubutumwa bubashimira bwaturutse ku buyobozi bukuru bwa RDF, anabashimira ubunyamwuga, imyitwarire myiza n'ubwitange bagaragaza mu gusohoza inshingano zabo zo kubungabunga amahoro. Yanasobanuriye abasirikare uko umutekano uhagaze mu Rwanda no mu Karere muri rusange.

Umugaba w'Ingabo zirwanira ku butaka ari muri Repubulika ya Santarafurika mu ruzinduko rw'akazi rugamije gushimangira ubufatanye bwa gisirikare busanzwe hagati y'ibihugu byombi, u Rwanda na Santarafurika.

Hamwe n'intumwa ayoboye kandi bazanasura izindi Ngabo z'u Rwanda ziri mu butumwa bw'Umuryango w'Abibumbye ndetse n'aboherejweyo hashingiwe ku masezerano y'ubufatanye hagati y'ibihugu byombi.


**Maj. Gen. Nyakarundi yasuye abasirikare b'u Rwanda bari muri MINUSCA**

# Umutungo wa BPR Bank wageze kuri Tiriyari 1.4 Frw




**Inama y'Inteko Rusange ya BPR Bank yemeje ko hazatangwa ubwasisi ku banyamigabane bayo**

KAYITARE JEAN PAUL

***Ubuyobozi bwa BPR Bank Rwanda Plc bwatangaje ko umutungo w'iyi banki wageze kuri Tiriyari 1 na miliyari zirenga 400 z'amafaranga y'u Rwanda mu mwaka wa 2025, uvuye kuri miliyari 971.8 Frw mu mwaka wabanje wa 2024.***

Umuyobozi Mukuru wa BPR Bank Rwanda Plc, Mutesi Gatera Patience yabigarutseho ku wa Gatandatu tariki 16 Gicurasi 2026 mu nama y'inteko rusange y'abanyamigabane b'iyi banki.

Yagaragaje ko muri banki bafitemo abanyamigabane b'ubwoko bubiri; harimo KCB Group ifitemo imigabane igera kuri 87.56% n'abandi banyamigabane b'Abanyarwanda bagera ku bihumbi birenga 500 bafitemo imigabane igera kuri 12.44%.

Mu kiganiro yahaye itangazamakuru, yagize ati: "Umutungo wose wa BPR Bank ubarirwa mu gaciro ka Tiriyoni 1.4. Inyungu nyuma y'imisoro, yageze kuri miliyari zirenga 40.8 Frw."

Mutesi yavuze ko Inteko rusange y'uyu mwaka wa 2026, yemeje ko inyungu zizagabanywa abanyamigabane kandi bemeranywa ko ubwasisi (Dividend) burenga miliyari 4.3 buzishyurwa abanyamigabane.

Ati: "Ni ubwa kabiri nka Banki tugiye kwishyura ubwasisi. Mu mwaka wa 2024, twishyuye ubwasisi bw'amafaranga agera kuri 50 ku mugabane. Uyu mwaka, ibyemejwe ni uko ubwasisi tugiye kwishyura ari amafaranga 53 ku mugabane.

[…] aho turi uyu munsi ni ho heza, tumaze imyaka 2 twishyura ubwasisi ku banyamigabane batigeze babona ubwasisi, ni ibintu byiza cyane kandi bizakomeza."

Amafaranga ya BPR Bank yariyongereye ku kigero cya 54% kandi icyingenzi ni uko iyo banki ifite amafaranga ibikiye abakiriya, ibafasha gukora ubucuruzi.

Biturutse ku mafaranga abitswe, BPR Bank yashoboye kongera inguzanyo isanzwe iha abakiriya bayo. Izo nguzanyo nazo zariyongereye ku kigero cya 42%.

Mukwiye Romuald, Perezida w'Abanyamigabane muri BPR Bank, avuga ko kuva iyi banki yaba iy'ubucuruzi mu 2007 mu kwezi kwa Kanama, ubu ngo ni bwo bagiye kubona inyungu ku migabane.




**Umutungo wa BPR Bank wageze kuri Tiriyari 1 na miliyari zirenga 400 z'amafaranga y'u Rwanda mu 2025**

Yibutsa ko umuntu wese wabitsaga muri Banki y'Abaturage guhera mu mwaka wa 1975 kugeza ku itariki 31 Nyakanga 2007, akiri umunyamigabane wa BPR Bank.

Akomeza agira ati: "Abana bazi ko bafite ababyeyi babo babitsaga muri Banki y'Abaturage muri icyo gihe […] kubarura ntabwo byahagaze, ishami iryo ari ryo ryose yajyaho baramubarura, bakamubwira imigabane y'umubyeyi we cyangwa se iye mu gihe yaba ataherukaga kugana iyi banki."

Chairman wa BPR Bank, George Rubagumya yavuze ko iyi banki yateye imbere, aho ishobora gutanga umusanzu wayo mu isiganwa ry'amagare mu Rwanda.

Yongeraho ko kugira ngo Formula 1 ishobore kugera mu gihugu bituruka ku kuba icyo gihugu gifite ibibuga by'indege byiza, serivisi nziza n'ibindi.

Ati: "Banki yacu ni yo yayoboye izindi banki z'ubucuruzi mu kubaka kiriya kibuga mpuzamahanga cya Bugesera. Dufite ubushobozi bufasha Igihugu no kubaka inzego zizaturuka kuri Fomula 1.

Turashaka uko twegera ubuhinzi n'ubworozi, Abanyarwanda benshi, ubuzima bwabo buturuka ku buhinzi n'ubworozi. […] Leta yacu ifite ubushobozi butari bwinshi bwo gushyira mu buhinzi n'ubworozi, Urwego rw'Abikorera rwacu narwo rufite ibibazo birugora, na Banki ifite ubushobozi atari ukuzana amafaranga gusa yo kuguriza abakora ubuhinzi ariko dufite n'abafatanyabikorwa bo kuba bakura icyo kibazo cy'ingwate ku muhinzi, ku mworozi, ku mukiliya wacu bigatuma yashora imari. Ibyo ni byo banki irimo gushyiramo ingufu."

BPR Bank yungutse miliyari 40.890 Frw havanywemo umusoro mu mwaka wa 2025 mu gihe umwaka wabanje wa 2024, yari yungutse miliyari 29.674 Frw.

# Minisitiri Nduhungirehe yerekanye uko ibihugu by'Afurika bitsikamirwa muri Loni




Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane w'u Rwanda, Amb Olivier Nduhungirehe

IMVAHO NSHYA

***Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane w'u Rwanda, Amb. Nduhungirehe Olivier Jean Patrick yagaragaje ko ibihugu bifite ijambo rikomeye mu Muryango w'Abibumbye (Loni) bizwi nka Veto, bikomeje kuryamira ibya Afurika, ashimangira ko u Rwanda rushyigikiye ko ibyo bihugu bireshya n'ibindi byo ku yindi Migabane.***

Yabikomojeho ku itariki ya 11 Gicurasi 2026, mu Nama y'Ubufatanye bw'Afurika n'u Bufaransa yiswe (Africa Forward Summit) yabereye i Nairobi muri Kenya.

Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane w'u Rwanda, Amb. Olivier Nduhungirehe, mu biganiro byo ku rwego rw'Abaminisitiri byagarukaga ku ivugururwa ry'Inama y'Umutekano y'Umuryango w'Abibumbye (UN Security Council) n'imikoreshereze y'ububasha bw'ibihugu bifite ijambo kurusha ibindi muri uwo muryango (Veto).

Akanama ka Loni gashinzwe umutekano kagizwe n'ibihugu 15, bitanu muri byo bifite imyanya ihoraho ndetse ni na byo bifite ijambo ridakuka. Ibyo ni Leta Zunze Ubumwe za Amerika, u Burusiya, u Bufaransa, u Bushinwa n'u Bwongereza.

Iyo ibindi bihugu bigize aka Kanama bishyigikiye umwanzuro urebana n'umutekano, kimwe muri ibi bitanu kiwanze, uhita utakaza agaciro, ntushyirwe mu bikorwa.

Minisitiri Amb. Nduhungirehe, yavuze ko kuva kera uburenganzira bw'Ibihugu bifite ububasha butavuguruzwa, bwagiye bukoreshwa kenshi mu gutsikamira ibihugu by'ibinyamuryango ndetse no gukoma mu nkokora ibikorwa by'ubutabazi, ibintu byadindije inshingano nyamukuru z'Akanama k'Umutekano ka Loni zo kubungabunga amahoro n'umutekano ku Isi.

Uwo muyobozi yongeye gushimangira ko u Rwanda rushyigikiye Ihame Rusange rya Afurika (Common African Position), risaba ko uwo Mugabane uhabwa uburenganzira bungana n'ubw'indi migabane mu bijyanye no guhagararirwa mu Nama y'Umutekano y'Umuryango w'Abibumbye.

Minisitiri Amb. Nduhungirehe kandi yagaragaje ko amavugurura y'imiterere y'abagize Akanama k'Umutekano ka Loni, agomba kujyana n'ivugururwa ry'imikorere yako, harimo kongera gukorera mu mucyo no kubazwa inshingano.

# Abakozi b'Umujyi wa Kigali baravuga imyato Polisi yabigishije kwirinda inkongi

MICOMYIZA Fidele

***Abakozi b'Umujyi wa Kigali bishimiye ubumenyi bungutse ku kurwanya no kwirinda inkongi z'umuriro, nyuma yo guhugurwa n'abakozi b'Ishami rya Polisi y'u Rwanda rishinzwe kurwanya no gukumira Inkongi, ku gicamunsi cyo ku wa Gatatu tariki ya 13 Gicurasi 2026.***

Inkongi z'umuriro zishobora kwibasira ahantu cyangwa inyubako kubera imoamvu zitandukanye, ariko izikunze kugaragara mu mijyi ziterwa n'ikoranaho ry'insinga z'amashanyarazi, impanuka za gazi, amavuta, ibikomoka kuri peteroli n'ibindi. Abakozi b'Umujyi wa Kigali bigishijwe kuzimya inkongi zinyuranye bitewe n'icyaziteye, bifashishije ibiringiti, umusenyi, amazi yabugenewe, kizimyamwoto n'ibindi.

Muri iki gikorwa havugijwe impuruza zimenyekanisha ko hagiye kuba inkongi, abakorera muri iyi nyubako basohoka bumva ko ari inkongi iteye hagamijwe kureba igihe byatwara ngo bamenye ko inkongi ibaye, guhunga aho ibereye no kureba ko basobanukiwe aho bashobora guhungira hazwi ka (Assembly Point), uko



Bahawe umwanya wo kugaragaza ko ibyo bize babyumvise

batwara abafite ubumuga ndetse n'uko batabara uwakomerekera muri iyi nkongi.

Nyuma bageze aho bahurira basobanuriwe amoko y'inkongi, ndetse banerekwa uko bakwiye kuzimya ikibatsi cy'umuriro mu buryo butekanye bitewe n'inkomoka yacyo. Bamwe mu bakorera mu nyubako y'Ibiro by'Umujyi wa Kigali baganiriye n'ImvahoNshya, bavuze ko aya masomo ari ingenzi cyane kandi ko azabafasha kwirinda haba mu kazi ndetse no mu rugo aho batuye.

Nyirahirwe Agatha, umwe mu bakozi b'Umujyi wa Kigali, yavuze ko ari ingenzi kubona ubu bumenyi yongeraho ko cyari icyifuzo amaranye igihe kinini. Yagize ati: "Tugize amahirwe yo kwakira Polisi yaje kutwigisha uko dushobora kwitwara mu gihe haje inkongi y'umuriro, hari byinshi tutari tuzi twakiriye nk'ubumenyi. Hari n'ibikoresho tutari tuzi ko byadufasha mu gihe duhuye n'inkongi ubu turabimenye."

Yakomeje avuga ko ubu bumenyi badakwiriye kubwicarana gusa, ko ahubwo bagiye kubukomezanya no mu rugo bakabisobanurira abariyo na bo bakamenya imyitwarire ikwiriye kubaranga mu gihe bahuye n'inkongi. Umuvugizi w'Umujyi wa Kigali, Emma Claudine Ntirenganya yavuze ko uyu mwitozo bawukoze bagambiriye kureba niba ibikoresho byashyizweho byo kwirinda inkongi bigikora neza ndetse ko n'abakozi bazi neza uburyo bwo kwirinda.

Yagize ati: "Uyu mwitozo wakozwe hagambiriwe kureba uko inyubako imeze, n'ibyashyizwemo bishinzwe kwirinda inkongi byose bigikora neza. Twatangiye tuvuza impuruza (Alarm) yerekana ko haje inkongi no kureba niba kizimyamwoto zose zikora neza, Polisi yadufashije kureba ahashyizwe amazi yo kuzimya inkongi, ikindi n'abakozi bamenye ngo iyo impuruza ivuze bigenda bite? Hari nk'abakoresheje ingazi za kizungu(ascenseur) kandi bitemewe…"

Yakomeje avuga ko ubumenyi bahawe, burenze ubwo bakoresha mu kazi kuko bazabukoresha no mu rugo cyane cyane nk'abakoresha gaze mu guteka. Yasabye abahawe ubumenyi gukomeza kubusangiza n'abandi babana na bo mu rugo, kugira ngo na bo babashe kwirinda ibyago bishobora guterwa n'inkongi y'umuriro.

# Nyamasheke: Jenoside yakorewe Abatutsi yabaye afite imyaka 12 yamurwaje ihungabana imyaka 28




**Kaneza Adolphe yashegeshwe cyane no kubona abe bicwa muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ariko nyuma yashoboye kwiyubaka**

BAHUWIYONGERA SYLVETRE

***Kaneza Adolphe wari ufite imyaka 12 muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, n'ubu aracyagendana ibikomere ku mutima ku bw'amahano yabonye akiri umwana bikamutera ihungabana yarwaye mu gihe cy'imyaka 28, ariko akagenda yoroherwa uko imyaka yashiraga afashwa.***

Mu buhamya bwe, Kaneza Adolphe avuga ko yabonye umuryango we utsembwa kimwe n'abandi bahunganaga, kurokoka kwe bimubera umusaraba ukomeye kuko ihungabana yakuyemo ryatumye amara imyaka 28 adakandagira aho bibukira kuko no kubitekereza byamusubizaga inyuma.

Avuga ko nubwo yari anyuzwe no kuba mu gihugu gitekanye, yagize ubutwari bwo kujya aho bibukira bwa mbere ku ya 13 Mata 2023. Uyu munsi Kaneza ni umugabo w'umugore n'abana batanu akaba atuye mu Mudugudu wa Bunyamanza, Akagari ka Rugali, Umurenge wa Macuba, Akarere ka Nyamasheke.

Avuga ko Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yabaye we n'umuryango we batuye mu yari Selile Kirambira, Segiteri Rumamfu, Komini Gatare, ubu ni mu Kagari ka Vugangoma, Umurenge wa Macuba, Akarere ka Nyamasheke.

Jenoside yabaye yiga mu mwaka wa kane w'amashuri abanza, ahungira kuri Paruwasi Gatolika ya Hanika, ahiciwe Abatutsi bagera ku 15,000 akaharokokera bitewe n'imibiri myinshi yamwirunzeho ubwo bicirwaga mu Kiliziya babanje kwirwanaho byanze, akahamara n'ubundi iminsi myinshi, abicanyi bakahagaruka baje kwica abo batishe mbere, akabanyuramo akabacika.

Avuga ko muri uko kubacika yihishe igihe kirekire mu bihuru, inzara yaramwishe ariko atakiyumva kuko umubiri wari warabaye ikinya, nta cy'ubuzima agitekereza kuko agahinda ke kari karanatangiye mbere gato ya Jenoside aho se yafungwaga mu byitso, akanakurikiza uburyo Abatutsi bari bafashwe mu mashuri.

Ati: "Namaze iminsi itatu muri Kiliziya ya Hanika imibiri myinshi yaranguye hejuru hagati mu ntebe z'ibisima zarimo. Abaje kuyitwara bajya kuyiroha mu kiyaga cya Kivu no mu yindi migezi, abambonye ndi muzima bankuramo banshyira mu yindi nzu, bamwe babatwika ari bazima na bwo ndarokoka."

Akomeza agira ati: "Nakomeje kuba hano ku Kiliziya nihisha abicanyi, baza kuvuga ko batujyana mu masegiteri dukomokamo ngo bahaturindire na ho bashaka kuzahatwicira kuko abo bajyanye hafi ya bose babishe. Icyo gihe ndabacika, mara igihe kirekire mu bihuru, nimugoroba njya gushaka ibiryo mu bagiraneza nkagaruka mu bihuru, umubyeyi umwe aza kumpisha, kugeza Inkotanyi zigeze ino nzigezeho mbaho."

Avuga ko aho agaruriye ubwenge bwari bwaratakaye, yasanze mu muryango w'abana barindwi asigaranye mushiki we muto gusa, abandi bose bariciwe hamwe n'ababyeyi be. Ati: "Nubwo Jenoside yari irangiye ariko n'ubundi amahoro yarabuze kubera Abacengezi bagarutse kutwicamo abari barokotse. Mu by'ukuri twatangiye kumva turi abantu mu 1999 ari bwo nasubiye mu ishuri, mpita njya mu yisumbuye."

Avuga ko yabonye amanota amujyana kaminuza muri ISAE Busogo, arangije umwaka wa mbere afatwa n'uburwayi bwo kudasinzira, akamara amasaha 24 yose nta gatotsi atekereza gusa ibyamubayeho, ntagire n'umunota n'umwe wo gufatanya amaso, kwiga biranga arataha.

Ati: "Nagarutse aha iwacu ntawe nsanga, icyakora mbona akazi ko kwigisha, gusinzira byansabaga kwiyahuza inzoga nyinshi ngo ndebe ko nabona agatotsi, icyo gihe bwo ngasinzira. Nasubiye kwiga muri ULK, icungamutungo, ngeze mu mwaka wa nyuma bwa burwayi bwo kudasinzira buragaruka, kwiga birongera biranga, ngaruka mu rugo mu 2013. Kuva ubwo kugeza ubu ndi umuhinzi rimwe na rimwe nkorora ingurube ngo ndebe ko ubuzima bwakomeza."

Avuga ko ibyo byose byamubagaho byamuzinuye gahunda yo kwibuka, abandi bajya kwibuka akigira mu kabari akanywa inzoga nyinshi ngo abyiyibagize.

Ati: "Namaze imyaka 28 ntashobora gukandagira aho bibuka. Nageze bwa mbere aha ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Hanika rubitse imibiri y'abanjye benshi kwibuka mu 2023. Sinifuzaga kugaruka aho nakomerekeye kuko numvaga mbangamirwa cyane. Byantoneka aho kunyomora, kuko numvaga nta mpamvu yo kuza aho ntagiriye umugisha. Numvaga kwibuka kwaba ari nko kwitoneka."

Igitangaje ni uko aturanye n'Urwibutso rwa Hanika ariko akaba yarakomeretswaga cyane no kurubona, bigatuma yishora mu kunywa inzoga nyinshi, yabona abagiye kwibuka batashye na we agataha.

Nyuma yaje gufata umwanya wo kwitekerezaho cyane, areba ubuzima bwe uko bwagiye bukurikirana, areba aho ageze, asanga kwibuka byamufasha kuko nta wundi yashoboraga kubwira impamvu atibuka. Ati: "Sinatinyaga guhura n'abanyiciye kuko n'ubundi twari dusanzwe duhura simbagireho ikibazo, ariko no gusura inzibutso rwaba urwa Hanika, Rwamatamu, Bisesero n'ahandi numvaga nta wahankandagiza."

Guhindura imyumvire byamubereye inzira yo gutangira gukira ibikomere yayitangiye nyuma yo gusura Urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali ruri ku Gisozi, atangira kubona imbaraga zo kumva yajya afatanya n'abandi guha icyubahiro abe bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ati: "Ni bwo nafashe icyemezo cyo kuza hano kuri Kiliziya ya Hanika niciwemo simfe, nkahibukira abanjye bashyinguye muri uru rwibutso. Nkihagera natunguwe n'uko abari kuri gahunda bakimbona babaye nk'abatunguwe na bo kuko bwari bwo bwa mbere, ntanazi uko bigenda, barambwira ngo nijye noneho ugiye gutanga ubuhamya."

Nyuma yo gutanga ubuhamya yatangiye kubohoka, kugeza n'uyu munsi aracyakomeje no gukangurira abandi batarabohoka kuva ibuzimu bakajya ibumuntu. Kaneza Adolphe ubu ni we uhagarariye Ibuka mu Murenge wa Macuba, akavuga ko na byo bimufasha kumva atari wenyine. Ashimira abamubaye hafi muri izo ntimba zose kugeza yiyumvisemo kwiyakira, akanashimira Urugaga rw'Abikorera mu Karere ka Nyamasheke rwamwubakiye inzu abamo, n'ubuyobozi bw'Akarere bumuba hafi.

# Inkotanyi zaradutabaye zitubera ubuzima - Uwanyirigira warokotse Jenoside




**Uwanyirigira Chantal watanze ubuhamya bw'inzira y'inzitane yanyuzemo muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994**

**HABIMANA Eric**

***Uwanyirigira Chantal wavukiye mu Karere ka Ruhango, Umurenge wa Bweramana, mu cyahoze ari Komini Tambwe, Segiteri Gitisi, yatanze ubuhamya bukomeye bw'inzira y'umusaraba yanyuzemo mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, aho yavuze ko Inkotanyi zasanze habura gato ngo Interahamwe zibice, maze zirabatabara zibaha ubuzima nta cyizere bari basigaranye.***

Ni ubuhamya yatanze mu gikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi cyabereye mu Karere ka Ruhango ku rwibutso rw'Akarere ka Ruhango ahashyinguwe mu cyubahiro imibiri y'Abatutsi 108 yabonetse.

Ni igikorwa cyitabiriwe n'abaturage bo mu Mirenge ya Ruhango, Bweramana Byimana na Mwendo yo muri ako Karere. Uwanyirigira yavuze ko na mbere ya Jenoside, ivangura rikorerwa Abatutsi ryari ryarashinze imizi cyane, harimo no mu mashuri yigagamo abanza. Yibuka uburyo abarimu batandukanyaga abanyeshuri hashingiwe ku moko.

Ati: "Iyo twageraga ku ishuri baduhagurutsaga bakurikije amoko. Abahutu ukwabo, Abatutsi ukwabo, Abatwa ukwabo. Uwajijinganyaga bamukubitaga bavuga ngo nimwicare, ubwoko bwanyu turabuzi." Avuga ko tariki ya 22 Mata 1994 ari bwo babonye Interahamwe zimanutse mu Ruhango ziyobowe n'uwitwaga Kurubone hamwe n'abandi, baza mu modoka batangira kwica Abatutsi.

Yongeyeho ati: "Twabonye batangiye gutemagura abantu duhita duhungira i Rubona. Tuhageze twumva amatangazo ashishikariza Interahamwe kwica Abatutsi." Avuga ko bakomeje guhunga berekeza i Nyarunyinya kwa sekuru, ariko na ho bahasanga ibitero. Interahamwe zarabafashe zibashorera zibajyana kubica, ariko bageze mu nzira bahura n'umugabo wazibajije impamvu zihutira kwica abo bantu, bituma zisubira inyuma zibareka.

Nyuma y'aho, umugabo witwaga Kamegeri wabaga hafi y'aho kwa sekuru yabahishe mu kigega cy'amazi, umugore we akajya abazanira ibyo kurya. Gusa kubera inkorora y'abana bato, ubuzima bwabo bwakomezaga kujya mu kaga kuko bashoboraga kumenyekana aho bihishe.

Uwanyirigira yavuze ko Interahamwe zakomeje kubashorera zibajyana ahantu hatandukanye zari zateguye kubiciramo. Iyo zabageragayo zigasanga ari benshi, zasubizaga bamwe aho zari zabafungiye kuri koperative.

Ati: "Hari igihe badushyize hamwe bavuga ko bagiye kuduteramo grenade kugira ngo batwicire icya rimwe, ariko imwe muri zo iravuga iti 'iyi grenade imwe ntitwayipfusha ubusa', bahita babireka." Yakomeje avuga ko Interahamwe zatangiye kujya zica abantu buhoro buhoro, zigena abazicwa uwo munsi n'abazicwa bukeye.

Yagarutse ku buryobakubitwaga, ati: "Bafataga inkoni bagakubita abantu mu birenge nk'ikimenyetso cy'abo bazica ejo. Bavugaga ko batica abagore n'abana, ariko twabonaga abana bazima babajugunya mu byobo." Mu mpera za Gicurasi 1994, yongeye gufatwa ajyanwa ahicirwaga abantu benshi, ari kumwe n'umugore wa nyirarume wari utwite ndetse n'abana bato.

Uwanyirigira yasobanuye uburyo abana bicwaga urw'agashinyaguro, ati: "Bafashe umwana twari kumwe bamukubita inkota ku rutugu bamujugunya mu cyobo. Abana bose bari aho batangiye kubajugunyamo ari bazima, bamwe babanje kubatema." Yanavuze umugabo witwaga Gatabazi wasabaga ko abana bicwa kuko bariraga bakabangamira inka ze ntizikamwe.

Yongeyeho ati: "Yavugaga ko abana babangamira inka ze. Bahise bafata abo bana barabatema babajugunya mu cyobo." Mu gihe bari bagitegereje kwicwa, haje Interahamwe yiruka ivuga ko ibonye Inkotanyi. Icyo gihe Interahamwe zahise zihunga zibasiga aho zari zigiye kubicira, maze ingabo za FPR-Inkotanyi zihita zihagera zibakura mu maboko y'abicanyi.

Uwanyirigira yashimiye cyane Inkotanyi na Perezida Paul Kagame wari uziyoboye, avuga ko ari zo zabahaye ubuzima bushya nyuma yo kurokoka Jenoside. Ati: "Ndashimira Perezida wa Repubulika Paul Kagame n'Inkotanyi kuko ari zo zadusubije ubuzima. Nyuma hashyizweho FARG iradufasha turiga, ubu turiho kandi twongeye kuvuka bwa kabiri."

# Rusizi: Abanyarwanda 19 batahutse bavuye mu mashyamba ya RDC

**NDOLI Sitio**

***Abanyarwanda 19 barimo abana 13 abagore 5 n'umugabo umwe batashye mu Rwanda banyuze ku mupaka wa Rusizi ya mbere kuri uyu wa Kane tariki ya 14 Gicurasi 2026.***

Abo Banyarwanda bavuga ko bari babayeho nabi cyane aho bari batuye kuko bahingagaga ariko ntibasarure, ndetse bamwe mu bagore bakemeza ko bakubitwaga n'inyeshyamba zo muri Wazalendo.

Mukarukundo Esperance Yagize ati: "Njyewe nahunze mfite imyaka 12, twari tubayeho nabi kandi nta kindi dutahanye uretse ubukene. Hariya twari turi twahingaga Wazalendo igasarura mbega ubuzima bwari ibibazo kuko mfite abana batandatu ariko batatu twaraburanye ndetse umugabo wanjye inyeshyamba zaramutwaye."

Nyirahabineza Françoise yunzemo ati: "Nari ndi aho bita Karehe, abagore babafata ku ngufu, baradukubita mbega byari bibi cyane ariko tukihangana kuko batubwira ko mu Rwanda nta buzima buriyo ariko mbonye ari heza kurusha uko twahasize. Ndicuza imyaka yose nagumye yo."

Abo Banyarwanda bavuga ko bishimiye kugaruka mu gihugu cyababyaye nyuma y'imyaka isaga 30 babayeho nabi.

Manirakiza Henriette yagize ati: "Biradushimije cyane rwose kuko amakuru baduhaga yari uko mu Rwanda ari habi cyane none reba ukuntu ari heza ndetse batwakiriye neza, ndasaba abandi dusizeyo ko na bo baza mu Rwanda ni amahoro."




**Abanyarwanda 19 bari ku mupaka wa Rusizi ya mbere bagiye kwerekeza mu nkambi y'agateganyo ya Nyarushishi**

Habimana Alfred umuyobozi wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu mu Karere ka Rusizi yabasabye gufatanya n'abandi Banyarwanda basanze kubaka Igihugu.

Ati: "Icya mbere ni ukwishimira ko batashye, icya kabiri ni uko tugiye kubashyikiriza ibyangombwa maze icyo twabakangurira ni ugufatanya n'abandi kubaka u Rwanda. Icyo dusaba abo basanze ni ukubakira neza ndetse bakabafasha kubaka ubuzima bababaha amakuru y'iterambere Igihugu kigezeho."

Aba Banyarwanda bamara ibyumweru bitatu mu nkambi y'agateganyo ya Nyarushishi ubundi bakagezwa aho bavuka, bagahabwa ibiribwa bibatunga mu mezi atatu ndetse n'amadolari 185 ku muntu mukuru ndetse na 138 ku mwana.

# Nyagatare: Barifuza ikimenyetso cy'amateka ku bari abakozi muri aka karere bazize Jenoside

HITIMANA Servand

***Ubuyobozi bw'umuryango IBUKA uharanira inyungu z'Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi na bamwe mu bayirokotse basabye ko ku biro by'Akarere ka Nyagatare hashyirwa ikimenyetso cy'amateka kigaragaza abari abakozi muri aka Karere bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.***




**Perezida wa IBUKA mu Karere ka Nyagatare yasabye ko hashyirwa ikimenyetso cy'amateka kigaragaza abakozi bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994**

Umuyobozi wa IBUKA, Bigenimana Jean de Dieu yabigarutseho ubwo hibukwaga abahoze ari abakozi mu byari Amakomini yahujwe akabyara Akarere ka Nyagatare ari yo Muvumba, Ngarama na Kiyombe. Bigenimana avuga ko amazina amaze kumenyekana, yakubakirwa ikimenyetso akandikwaho kugira ngo bakomeze kuzirikanwa na bagenzi babo bakora mu ngeri zitandukanye muri aka karere.

Yagize ati: "Mu gihe nk'iki twibuka ku nshuro ya 32 abari abakozi bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, tuzirikana ubwitange n'umurava wabo bari bafite mu gukorera igihugu. Turasaba ko aho ubuyobozi bukorera hazashyirwa ikimenyetso kiranga amateka y'abakozi twabuze bazira uko bavutse, kugira ngo dukomeze kubazirikana no kubibuka no kubaha agaciro bambuwe. Ikimenyetso kiriho amazina yabo kivuze byinshi kuri twe, abagana Akarere n'abagakoreramo hagakomeza kuzirikanwa aya mateka."

Umwe mu bari abakozi warokokeye mu Karere ka Nyagatare Gatete Gatera Sylvere avuga ko kubona ikimenyetso kigaragaza amateka y'abo bakoranaga ari ubundi buryo bwo kubibuka. Ati: "Bagenzi banjye twakoranaga twanyuranye muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bamwe babadukuramo baricwa. Buri mwaka turabibuka ariko nanone twagiye tugira icyifuzo ko amazina yabo yashyirwa ahari Ibiro by'Akarere kugira ngo yaba twe dukomeze kubazirikana ariko n'abahagenda n'abahakora byabafasha kujya bazirikana amateka twabayemo."

Umuyobozi w'Akarere ka Nyagatare Kakooza Henry yijeje ubuyobozi bwa IBUKA ko bagiye gufatanya kureba uko iki cyifuzo cyashyirwa mu bikorwa ku buryo mu kwibuka umwaka utaha byazaba byarakozwe. Ati: "Tugiye kubishyira mu bikorwa byacu by'ingengo y'imari uyu mwaka kugira ngo ubwo tuzaba twibuka ku nshuro ya 33 bizabe byarakozwe. Ntabwo ari ibintu bihenze kandi ubona ko no mu bigo bitandukanye koko usanga haragiye hashyirwa ibimenyetso bigaragaza abakozi babyo bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, kandi ni kimwe bikorwa bifasha mu kwibuka no kubazirikana."

IBUKA mu Karere ka Nyagatare igaragaza ko hamaze kumenyekana abari abakozi muri aka Karere bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bagera ku 8.

# Nyabihu: Gusana imiyoboro bizafasha abaturage kubona amazi meza



**Kimwe mu bigega bifata amazi byubatswe muri Nyabihu**

NGABOYABAHIZI Protais

***Abaturage bo mu Mirenge ya Rambura, Jenda, Mulinga, Jomba na Shyira mu Karere ka Nyabihu bavuga ko gusana no kwagura imiyoboro y'amazi biri gutanga icyizere cyo gukemura ikibazo cy'amazi bari bamaze igihe bahura na cyo, cyane cyane ingendo ndende bajyaga bakora bajya kuvoma n'indwara zaterwaga no gukoresha amazi adasukuye.***

Ni umushinga uri gushyirwa mu bikorwa na Sosiyete ishinzwe Amazi n'Isukura mu Rwanda (WASAC Group) binyuze mu mushinga wo gukumira no kugabanya igwingira (SPRP), uterwa inkunga na Banki y'Isi binyuze mu Kigo cy'Igihugu cy'Ubuzima (RBC). Ugamije kongera amahirwe yo kubona amazi meza ku ngo, amashuri n'ibindi bigo by'ingenzi.

Ibikorwa biri gukorwa birimo gusana imiyoboro ishaje, kwagura indi mishya, kubaka ibigega n'amavomo ndetse no kurinda amasoko y'amazi kugira ngo abaturage begerezwe amazi meza kandi ahagije. Mu bice byamaze kugeramo amazi harimo Birembo na Nyiragikokora–Sukiro byo mu Murenge wa Rambura, aho abaturage bavuga ko imibereho yabo yatangiye guhinduka kubera kubona amazi hafi yabo.

Dusabimana Aliance wo mu Murenge wa Rambura yavuze ko mbere bajyaga bamara amasaha menshi bashaka amazi, ibintu byabateraga umunaniro ndetse bikabangamira ibikorwa byabo bya buri munsi.

Yagize ati: "Twavomaga kure cyane kandi rimwe na rimwe tugakoresha amazi adafite isuku ihagije. Ubu amazi yaratwegereye, kandi bidufasha kubona umwanya wo gukora indi mirimo no kwita ku miryango yacu."

Akomeza avuga ko kubona amazi meza bizafasha abaturage kugira isuku no kugabanya indwara zikomoka ku mwanda. Yagize ati: "Abana bacu ntibagisiba cyangwa ngo bakererwe ishuri bajya gushaka amazi nk'uko byahoze. Kuba tubonye amazi meza hafi yacu ni impinduka ikomeye mu mibereho yacu."

Niyonsenga Jean Claude wo mu Murenge wa Jenda nawe avuga ko amazi meza azabafasha guhindura imibereho ku bijyanye n'isuku n'isukura.

Yagize ati: "Iyo amazi abonetse hafi, abaturage babona umwanya wo gukora ibikorwa bibateza imbere aho kuwumarira mu ngendo zo gushaka amazi. Hari n'icyizere cyo kugabanya indwara ziterwa n'umwanda kuko abantu bazajya bakoresha amazi meza."

Ikigo cy'ishuri cya G.S. Nyiragikora kiri mu byungukiye muri uyu mushinga wo gusana umuyoboro w'amazi. Umuyozi w'icyo kigo Ndahayo Celestin, yavuze ko ikibazo cy'amazi cyari imbogamizi ku banyeshuri no ku mikorere y'ishuri.

Yagize ati: "Twagorwaga no kubona amazi yo gutekesha abanyeshuri no gukora isuku. Hari igihe byadindizaga gahunda z'ishuri kubera kubura amazi. Ubu kubona amazi meza bizadufasha kunoza isuku no gutanga amafunguro ku gihe."

Ubuyobozi bw'Akarere ka Nyabihu buvuga ko gusana no kwagura iyi miyoboro biri mu bikorwa bigamije guteza imbere imibereho myiza y'abaturage no kubegereza amazi meza. Umuyobozi w'Akarere ka Nyabihu Mukandayisenga Antoinette asaba abaturage gukomeza kubungabunga ibikorwa remezo by'amazi no kuyakoresha neza kugira ngo birambe.

Yagize ati: "Amazi meza ni ingenzi mu buzima bw'abaturage no mu kwirinda indwara zikomoka ku mwanda. Turasaba abaturage gufata neza iyi miyoboro no gukomeza kwimakaza isuku mu ngo no mu miryango yabo." Yakomeje avuga ko Akarere gakomeje gushyira imbaraga mu bikorwa byo kugeza amazi meza ku baturage benshi bashoboka.

Kugeza ubu Akarere ka Nyabihu kamaze kugeza amazi meza ku gipimo cya 86% , aho ubuyobozi buvuga ko iyi mishinga mishya izakomeza kongera ijanisha ry'abagerwaho n'amazi meza no kugabanya ikibazo cy'ibura ry'amazi mu bice bitandukanye.

# Imipaka ihuza Rubavu na Goma yafunzwe kubera Ebola



**Imipaka ihuza u Rwanda na RDC (Gisenyi na Goma) irafunze kubera icyorezo cyagaragaye muri RDC na Uganda**

**NDOLI Sitio**

***Imipaka ihuza Akarere ka Rubavu mu Rwanda na Goma muri Repubulika iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) yafunzwe kubera icyorezo cya Ebola, cyagaragaye muri icyo gihugu no muri Uganda. Ifungwa ry'imipaka ryabaye mu gitondo cyo ku Cyumweru tariki ya 17 Gicurasi 2026 nkuko Mulindwa Prosper, Umuyobozi w'Akarere ka Rubavu yabitangaje.***

Ati: "Imipaka ihuza Goma na Gisenyi irafunzwe by'agateganyo mu gukurikirana icyorezo cya Ebola, turakomeza kuganira n'abaturage bacu tubasobanurire impamvu byakozwe." Yasabye abaturage bakora ubucuruzi bwambukiranya imipaka ndetse n'abasura Umujyi wa Goma kwihanganira izi mpinduka z'igihe gito.

Amakuru aheruka muri RDC mu cyumweru gishize yavugaga ko mu Ntara ya Ituri habonetse umurwayi wa Ebola. Ku wa Gatandatu Ikigo gishinzwe kurwanya no gukumira indwara z'ibyorezo muri Afurika, cyatangaje ko abanduye bageze kuri 336, mu gihe abapfuye ari 87.

Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Buzima (WHO) ryo ryatangaje ko uretse muri RDC no muri Uganda na ho hagaragaye umurwayi umwe wa Ebola ahita agwa mu Bitaro by'i Kampala, inzego z'ubuzima zikaba zikomeje gukurikiranira hafi iki cyorezo.

WHO ivuga ko icyorezo cya Ebola kimaze kugaragara muri RDC no muri Uganda inshuro zisaga 20, ikaba yagiriye inama ibyo bihugu gutangiza ibihe bidasanzwe kugira ngo bihangane n'icyo cyorezo. Imipaka ihuza u Rwanda na Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo mu gice cya Rusizi n'umujyi wa Bukavu yo ntirafungwa.

# Nyamasheke - Bushenge: Mu gihe Jenoside yabaga basohoraga abarwayi bakabica



**Mukambayire Therese watanze ubuhamya yavuze ko akaga baboneye muri ibyo bitaro karenze uruvugiro**

**BAHUWIYONGERA Sylvestre**

***Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yakoranywe ubugome ndengakamere mu bitaro by'Intara bya Bushenge, Akarere ka Nyamasheke, aho hari abaganga bishe bagenzi babo, kimwe n'interahamwe zinjiraga mu bitaro zikabisahura zikanasohora abarwayi n'abarwaza zikabica zikabajugunya mu byobo byo hanze y'ibitaro.***

Mu buhamya bwatanzwe na Mukambayire Therese ku wa 12 Gicurasi 2026 ubwo ibi bitaro byibukaga abari abakozi babyo, abarwayi, abarwaza n'Abatutsi bari babihungiyemo, abo mu bigo nderabuzima bibishamikiyeho, yavuye imuzi akaga bahaboneye muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Mukambayire wari ufite imyaka 15 gusa mu 1994, ubwo Jenoside yakorwaga, yavuze ko babanje guhungira ku kibuga cy'umupira cya Gashirabwoba, kuri ubu cyubatsemo urwibutso rwa Jenoside rw'Akarere rwa Gashirabwoba rushyinguyemo imibiri 20,213 barimo abo mu miryango ye biciwe muri iki kibuga.

Yavuze ko, we na bake bandi bari barokotse amasasu n'izindi ntwaro z' interahamwe kuri icyo kibuga, bahungiye kuri ibi bitaro bahizeye gukira no kuvurwa kuko abenshi, na we arimo bari bakomeretse bikomeye, aho kuhabona ibyo bahizeraga bahabonera amakuba akomeye. Ati: "Twageze aha ku bitaro kumugoroba turinjira, twicara ku ibaraza tuvirirana, ntawe utuvugisha, bamwe mu baganga batureba bakabona turi nk'impyisi, tukibaza icyo twabacumuyeho kikatuyobera."

Agaya cyane abaganga batabitayeho nyamara ari wo murimo barahiriye, bakarara mu mbeho nyinshi, ibikomere n' imyotsi y'amasasu bari bavuyemo aho ku kibuga cy'umupira cya Gashirabwoba, bamwe mu baganga babarebaga bavirirana aho kubavura bakavuga ko batatakaza umwanya wabo ku nyenzi. Ati: "Basohoraga abarwayi n'abarwaza bakajya kubica, bakabajugunya mu byobo byo ku nkengero z'ibitaro.

Ashimira Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda yigishije abaganga b'ubu kwakira neza ababagana, bagatandukana n'abo kuri Leta mbi bicaga abo bagahaye ubuzima. Mu kiganiro cyatanzwe n'umwe mu bakozi b'ibi bitaro, Ndayisaba Léonard wavuze ko byatewe n'ingengabitekerezo y'urwango yari yarabokamye, ari yo mpamvu mu buyobozi bwiza igihugu gifite ubu, iyo ngengabitekerezo igomba kurwanywa na buri wese.

Uhagarariye IBUKA mu Karere ka Nyamasheke, Gasasira Marcel, yihanganishije abarokokeye muri ibyo bitaro kimwe n'abafite ababo babiguyemo, ashimira ubuyobozi bwiza igihugu gifite ubu bwagaruriye abarokotse icyizere cyo kubaho. Yanaboneyeho kugaya ubuyobozi bubi bwateguye Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, bakicwa.

Umuyobozi w'Akarere ka Nyamasheke wungirije ushinzwe imibereho myiza y'abaturage, Mukankusi Athanasie, nyuma yo kwihanganisha ababuriye ababo mu bitaro bya Bushenge, n'ababirokokeyemo, yagaye abishe bakanica ababavuraga. Yashimiye byimazeyo ingabo zari iza RPA - Inkotanyi zabohoye igihugu zirangajwe imbere na Perezida Paul Kagame.

Ati: "Ubutwari bwabo ni bwo dukesha kuba dushobora guterana uku turi hano, tukibuka abacu bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, tugashobora kwihanganisha no gufata mu mugongo abayirokotse."

Yongeyeho ati: "Ubwo butwari kandi ni bwo butuma dushobora kwamagana ubugwari bw'abateguye Jenoside yakorewe Abatutsi bakanayishyira mu bikorwa, tukanamagana abagifite ingengabitekerezo ya Jenoside n'abaterankunga babo. Yasabye abafite amakuru y'ahakiri imibiri itarashyingurwa mu cyubahiro, kuyatanga na yo igashyingurwa mu cyubahiro kuko hakiri imibiri myinshi itaraboneka.

Ibitaro bya Bushenge byubatswe mu 1953, ari ivuriro rito, nyuma biba ibitaro, Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yarabishegeshe cyane kuko uretse kubiburiramo abibukwa uyu munsi, byaranasahuwe cyane. Nyuma byongeye gukora, umutingito ubisenya byose mu 2008, byongera kubakwa bushya. Kugeza ubu abamaze kumenyekana bari abakozi ba byo bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ni 12.

Umuyobozi mukuru w'ibitaro bya Bushenge, Lt col (Rtd) Dr Phocas Nsengiyumva avuga ko bazakomeza kwita no gufata mu mugongo uko bashoboye imiryango y'ababyiciwemo n'ababirokokeyemo, mu rwego rwo gukomeza kubafasha kwiyubaka no kudaheranwa n'agahinda.

# ITANGAZO RY'AKAZI

Kigali, 17 MAY 2026

Nº 11.07.023/778............ /26/MD-EDCL/FG/VB/jcn

**JOB ADVERTISEMENT**

Energy Development Corporation Limited (EDCL) is a subsidiary of Rwanda Energy Group (REG) Limited, mandated to develop energy infrastructure projects in Rwanda, including power generation, resource exploration, and project implementation. The company plays a key role in supporting the growth and sustainability of the country's energy sector.

The Management of Energy Development Corporation Limited (EDCL) hereby invites job applications from suitably qualified and experienced candidates to fill the following vacant positions:

| Nº | Job Title | Key Roles/Responsibilities and qualifications required |
|---|---|---|
| 1. | Legal Services Manager | **Strategic Management**<br>1. Develop and implement legal policies, process and procedures in line with the Rwandan law and the strategic objectives of Energy Development Corporation Limited.<br>2. Review and update the company's legal policies in accordance with new laws and regulatory changes and communicate them to relevant stakeholders.<br>3. Lead the development and review of internal policies, regulations, and legal frameworks for EDCL.<br>4. Identify potential legal risks affecting the organization and propose appropriate mitigation measures.<br>**Advisory Services**<br>5. Provide legal support and advice to all other departments within the organization on legal and regulatory matters.<br>6. Provide guidance on legal and governance issues or matters and ensure that all the legal documents signed by EDCL comply with applicable legislation and best practice.<br>7. Prepare, review, and advise on legal documents binding the organization, including internal rules, regulations, policies, and manuals among others.<br>**Litigations Management**<br>8. Identify and mitigate the legal issues involving EDCL.<br>9. Follow up on disputes internally and externally and coordinate with relevant stakeholders. |
| | | 10. Represent EDCL in amicable resolution processes and settlement negotiations.<br>11. Monitor ongoing cases before courts and arbitration tribunals and prepare periodic reports on litigation status.<br>**Legal Services**<br>12. Liaise with EDCL's outside counsels and attorneys in settlement of legal disputes and provide legal advice.<br>13. Prepare legal opinions, review and undertake research on matters relating to the mandate and operations of EDCL.<br>14. Ensure proper management and record keeping of legal documents and case files.<br>**Leadership**<br>15. Provide overall leadership of the legal section and supervise and manage the performance and development of staff in the department in line with the Organization's goals, objectives, policies and regulations.<br>16. Develop and implement the Unit's annual work plan and financial budget and monitor their implementation in line with EDCL Business plan.<br>**Educational Requirements & Related Job Experience/Qualifications**:<br>• **Master's degree in law (LLM)** with a minimum of three (3) years of relevant professional experience in legal and transactions advisory roles, plus a post graduate diploma in legal practice, or<br>• **Bachelor's degree in law (LLB)** with a minimum of five (5) years of relevant professional experience in legal and transactions advisory roles, plus post graduate diploma in legal practice.<br>**Additional Skills:** in addition to the experience and educational requirements listed above, the interested candidates should have the following:<br>• Good knowledge of Rwandan Laws and legal procedures<br>• Strong Analytical and investigative skills<br>• Effective Communication and presentation skills<br>• High standards of professionalism and integrity<br>• Results-oriented and team player<br>• Good interpersonal skills Ability to work under pressure and manage multiple priorities<br>• Good interpersonal and negotiation skills educational ab |
| 2. | Transactions Advisory Manager | **Strategic Management**<br>1. Support the development and implementation of policies, procedures, and frameworks governing contracts and strategic transactions.<br>2. Contribute to the formulation and review of corporate policies related to commercial transactions and partnerships.<br>3. Identify legal and transactional risks in projects and agreements and propose mitigation measures.<br>**Advisory Services**<br>4. Provide guidance on legal and governance issues or matters that may arise for the Organization's compliance with the relevant legislation and best practice.<br>5. Lead in the provision of legal support to all other departments in the organization<br>6. Provide legal and transactional advisory services for strategic projects, investments, partnerships, and commercial arrangements.<br>7. Support business units in structuring transactions and ensuring compliance with applicable laws and regulatory requirements.<br>8. Review and advise on project documentation, financing arrangements, and partnership agreements.<br>**Contract Management and Negotiation**<br>9. Lead the drafting, review, and negotiation of contracts, memoranda of understanding, service agreements, and other legal instruments involving the organization.<br>10. Coordinate contract negotiations with internal departments and external stakeholders.<br>11. Ensure that all contractual arrangements are legally sound, commercially reasonable, and aligned with the organization's interests. |
| | | **Additional Skills:** in addition to the experience and educational requirements listed above, the interested candidates should have the following:<br>• Good knowledge of Rwandan Laws and legal procedures<br>• Strong Analytical and investigative skills<br>• Effective Communication and presentation skills<br>• High standards of professionalism and integrity<br>• Results-oriented and team player<br>• Good interpersonal skills Ability to work under pressure and manage multiple priorities<br>• Good interpersonal and negotiation skills educational |

**HOW TO APPLY**

The interested candidates should apply through the link: http://recruitment.reg.rw as below: following:

1. Copy or type the link above into **"google search"** and click search to proceed to next step
2. Click sign up to create an accountant by filling in the required information (i.e. email, telephone number & password) then click "sign-up" with credentials to proceed to next step
3. Verify account using OTP Code sent to your email and click "submit" to proceed to next step
4. Click profile, fill in the required information and click "upload CV", attach the CV and click "submit change" to proceed to next step
5. Click and fill in the required information on education and click "submit", fill in experience and click "submit", fill in certificates and click "submit", fill in references and click "submit"
6. Click "jobs" to find advertised positions
7. Choose and click into the position you are interested to apply for, read details of the job and click apply.

**NOTE: BEFORE UPLOADING YOUR CV, IT SHOULD BE SCANNED AS A SINGLE PDF CONTAINING THE FOLLOWING DOCUMENTS:**

1. A duly signed application letter addressed to the Managing Director of Energy Development Corporation Limited (EDCL).
2. Updated detailed curriculum vitae (CV)
3. Copies of both academic and professional certificates.
4. Proof of related experience/valid work certificates.
5. Copy of Identity Card.

Applications should be submitted not later than 25/05/2026 latest **05:00 P.M.** No hard copy applications will be accepted.

10th Floor KCT, KN 2 ST, Nyarugenge District, P.O. Box 3855 Kigali, Rwanda
Tel.: + (250) (0) 787172265, email: info@edcl.reg.rw, website: www.reg.rw

10th Floor KCT, KN 2 ST, Nyarugenge District, P.O. Box 3855 Kigali, Rwanda
Tel.: + (250) (0) 787172265, email: info@edcl.reg.rw, website: www.reg.rw

# ITANGAZO RY'AKAZI

EDCL
ENERGY DEVELOPMENT CORPORATION LIMITED

| | | |
|---|---|---|
| | | **Additional Skills:** in addition to the experience and educational requirements listed above, the interested candidates should have the following:<br>• Good knowledge of Rwandan Laws and legal procedures<br>• Strong Analytical and investigative skills<br>• Effective Communication and presentation skills<br>• High standards of professionalism and integrity<br>• Results-oriented and team player<br>• Good interpersonal skills Ability to work under pressure and manage multiple priorities<br>• Good interpersonal and negotiation skills educational |

**HOW TO APPLY**

The interested candidates should apply through the link: http://recruitment.reg.rw as below: following:

1. Copy or type the link above into **"google search"** and click search to proceed to next step
2. Click sign up to create an accountant by filling in the required information (i.e. email, telephone number & password) then click "sign-up" with credentials to proceed to next step
3. Verify account using OTP Code sent to your email and click "submit" to proceed to next step
4. Click profile, fill in the required information and click "upload CV", attach the CV and click "submit change" to proceed to next step
5. Click and fill in the required information on education and click "submit", fill in experience and click "submit", fill in certificates and click "submit", fill in references and click "submit"
6. Click "jobs" to find advertised positions
7. Choose and click into the position you are interested to apply for, read details of the job and click apply.

**NOTE: BEFORE UPLOADING YOUR CV, IT SHOULD BE SCANNED AS A SINGLE PDF CONTAINING THE FOLLOWING DOCUMENTS:**

1. A duly signed application letter addressed to the Managing Director of Energy Development Corporation Limited (EDCL).
2. Updated detailed curriculum vitae (CV)
3. Copies of both academic and professional certificates.
4. Proof of related experience/valid work certificates.
5. Copy of Identity Card.

Applications should be submitted not later than 25/05/2026 latest **05:00 P.M.** No hard copy applications will be accepted.

REG is an equal opportunity employer. As part of our company Gender Mainstreaming policy and program, we seek to increase the number of women in all levels of the organization. Therefore, we strongly encourage female candidates to apply. Special consideration will be given to qualified female candidates.

Done at Kigali on 14/05/2026

**Felix GAKUBA**

**Managing Director**

10th Floor KCT, KN 2 ST, Nyarugenge District, P.O. Box 3855 Kigali, Rwanda
Tel.: + (250) (0) 787172265, email: info@edcl.reg.rw, website: www.reg.rw

# ITANGAZO RY'ISOKO

Repubulika y'u Rwanda
Umujyi wa Kigali
Akarere ka Gasabo

**UMURENGE WA NDUBA**

**ITANGAZO RYO GUPIGANIRWA AMASOKO**

Ubuyobozi bw'Umurenge wa Nduba buramenyesha ba rwiyemezamirimo babyifuza kandi babifitiye ubushobozi ko bushaka gutanga isoko mu gihe cy'umwaka w'ingengo y'imari wa 2025-2026 ku buryo bukurikira :

| NUMERO DE REFERENCE | IZINA RY'ISOKO | Igihe ntarengwa cyo gutanga dossier | Igihe cyo gufungura amabaruwa arimo ibiciro | Aho amafaranga azaturuka |
|---|---|---|---|---|
| TN/001/NDUBA/2025-2026 | Isoko ryo gutanga servisi za Restaurant | 05/06/2026 saa tatu n'igice za mu gitondo (09h30) | 05/06/2026 saa yine za mugitondo (10h00) | UMUJYI WA KIGALI |
| TN/002/NDUBA/2025-2026 | Isoko ryo gukora Sonorisation na Decoration | 05/06/2026 saa tatu n'igice za mu gitondo (09h30) | 05/06/2026 saa yine za mugitondo (10h00) | UMUJYI WA KIGALI |
| TN/003/NDUBA/2025-2026 | Isoko ryo gukora ibyapa, imipira no kuyandikaho,amakarita y'akazi ( Banners ,Designing, Printing, Branding, service cards,video Production) | 05/06/2026 saa tatu n'igice za mu gitondo (09h30) | 05/06/2026 saa yine za mugitondo (10h00) | UMUJYI WA KIGALI |
| TN/004/NDUBA/2025-2026 | Isoko ryo kugemura ibikoresho byo mu biro | 05/06/2026 saa tatu n'igice za mu gitondo (09h30) | 05/06/2026 saa yine za mugitondo (10h00) | UMUJYI WA KIGALI |

Abifuza gupiganira aya masoko bashobora kubona ibitabo bikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa guhera tariki ya 14 Gicurasi 2026 mu bunyamabanga rusange bw'Umurenge wa NDUBA, bamaze kwishyura amafaranga adasubizwa ibihumbi icumi **(10,000 frw)** kuri konti y'Ikigo k'Igihugu cy'imisoro n'Amahoro (RRA) .Amabahasha afunze neza, arimo ibiciro byanditse n'imashini, bigizwe n'inyandiko y'umwimerere n'amakopi atatu agomba kuba yageze ku biro by'Umurenge wa NDUBA ku taliki yagaragajwe mu mbonerahamwe yo hejuru mu gitondo saa tatu n'igice zuzuye (09h30).

Bikorewe Nduba kuwa 13/05/2026

**MUNYANTORE Jean Claude**
**Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa NDUBA**

**Email: ndubasector@yahoo.com**

# ITANGAZO RY'ISOKO

**REPUBLIC OF RWANDA**
FINANCIAL INTELLIGENCE CENTRE (FIC)

**Kigali, ...11../05/2026** **Ref.1803/FIC/DG/1209.26/MY**

RWANDA PRINTERY COMPANY LTD
**KIGALI**

Dear Sir,

**Re:** Invitation for Negotiation – Tender No. 000002/NC/NCB/2025/2026/FIC

The Financial Intelligence Centre (FIC) wishes to express its appreciation for your company's participation in the tendering process for Online Multi-Media Services No. 000002/NC/NCB/2025/2026/FIC. I am pleased to inform you that your company has been shortlisted for the negotiation stage following the evaluation of the submitted bids;

In line with public procurement procedures, I hereby invite you to the negotiation meeting to discuss specific aspects of your proposal, scheduled to take place on 13/05/2026 at 10:00 am at the FIC offices. You are kindly requested to attend with representative who is duly authorized to make decisions on behalf of your company during the negotiation;

For any further clarification, please contact us through email: info@fic.gov.rw, telephone: 0791345868.

Sincerely,

**GASHUMBA Jeanne Pauline**
**Director General**

## ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBLIC OF RWANDA

Kigali, 12 MAY 2026
Ref. N° 1625/SPIU/026

RWANDA TRANSPORT DEVELOPMENT AGENCY (RTDA)
P.O Box 6674
KG 563 St., Queen's Land House, Ground Floor
Email: info@rtda.gov.rw
KIGALI

SPECIFIC PROCUREMENT NOTICE

Invitation for Bids [IFB]
Works
(Without Prequalification)

| | |
|---|---|
| IFB Number: | 003/W/2025-2026-OCBI/SPIU/ BRIDEP /RTDA- AfDB |
| Employer: | Rwanda Transport Development Agency (RTDA) |
| Project: | BURUNDI-RWANDA INTEGRATED DEVELOPMENT PROJECT (BRIDEP) |
| Contract title: | Upgrading works of Kinigi-Kora(28.1km) |
| Country: | Rwanda |
| Loan No./Grant No.: | 2000300001315 |
| Procurement Method: | Open Competitive Bidding (International) (OCBI) |
| OCBI No: | 003/W/2025-2026-OCBI/SPIU/ BRIDEP /RTDA- AfDB |
| Issued on: | 12/05/2026 |

1. The Government of Rwanda (GoR) has secured funds from the African Development Bank (ADB)" hereinafter called the Bank toward the cost of BURUNDI-RWANDA INTEGRATED DEVELOPMENT PROJECT (BRIDEP), and intends to apply part of the proceeds toward payments under the contract for Upgrading works of Kinigi-Kora(28.1km) . For this contract, the Borrower shall process the payments using the Direct Payment disbursement method, as defined in the Bank's Disbursement Guidelines and procedures for Investment Project Financing.
2. Rwanda Transport Development Agency (RTDA) now invites sealed Bids from eligible Bidders for Upgrading Works of Kinigi-Kora(28.1km).
3. Bidding will be conducted through the Open Competitive Bidding (International), OCBI procedures as specified in the Bank's Procurement Framework [the Procurement Policy for Bank Group Funded Operations, dated October 2015] and is open to all eligible Bidders as defined in the Procurement Framework.

Website: http://rtda.gov.rw

## ITANGAZO RY'ISOKO

~ 2 ~

4. Interested eligible Bidders may obtain further information from Rwanda Transport Development Agency (RTDA), Email: procurement@rtda.gov.rw and inspect the Bidding document during office hours from 9:00AM to 5:00PM local time at the address given below.
5. The bidding Documents in English may be purchased by interested eligible Bidders upon the submission of a written application to the address below and upon payment of a nonrefundable fee of Ten Thousand Rwandan Francs only (10,000 FRW) or in a convertible currency. The method of payment will be by depositing such an amount in a Rwanda Revenue Account (RRA) opened in any commercial bank in Rwanda or, alternatively, in the account N° 1000007737 of RRA opened at National Bank of Rwanda.
6. Bids must be delivered to the address below on or before **30/06/2026 at 10:00 a.m.**, local time (8:00 GMT). Electronic Bidding will not be permitted. Late Bids will be rejected. Bids will be publicly opened in the presence of the Bidder s' designated representatives and anyone who chooses to attend at the address above on the same day, at **10:30 A.M local time (8:30 GMT)**.
7. All Bids must be accompanied by a Bid Security of an amount of **Nine Hundred Fifty Million Rwandan francs (950,000,000)** or its equivalent amount in a freely convertible currency.
8. Attention is drawn to the Procurement Framework requiring the Borrower to disclose information on the successful bidder's beneficial ownership, as part of the Contract Award Notice, using the Beneficial Ownership Disclosure Form as included in the bidding document.
9. The address referred to above is:
   **Rwanda Transport Development Agency (RTDA)**
   **Attention: Director General**
   **KG 563 St., Queen's Land House, Procurement Office, Second Floor**
   procurement@rtda.gov.rw

Yours sincerely,

Imena MUNYAMPENDA
Director General

## ITANGAZO RY'ISOKO

Pour réception
Le 7/5/2026
2 Fois

**ITANGAZO RYO GUTANGA ISOKO**

Ubuyobozi bw'itorero rya EAR Paruwasi NYABINONI, rifite umushinga RW0784 NYABINONI uterwa inkunga na compassion international mu Rwanda ukorera muri EAR PARUWASI NYABINONI, akagari ka NYARUSOZI, Umurenge wa NYABINONI, Akarere ka MUHANGA Buramenyesha abacuruzi na ba rwiyemezamirimo babifitiye ububasha n'ubushobozi kandi babishaka ko bwifuza gutanga Isoko ryo kugura no kugemura amatungo yo koroza abafatanyabikorwa Ariyo INKOKO nkuru.

**IBISABWA BARWIYEMEZAMIRIMO**

1. Ibaruwa isaba isoko yandikiwe umuyobozi wa EAR Paruwasi NYABINONI.
2. Kuzuza urupapuro rugaragaza igiciro azatangiraho igicuruzwa (Proforma Invoice).
3. Kuba afite TIN Number kandi yariyandikishije kumusoro nyongera gaciro (TVA).
4. Kuba afite icyangombwa cy'imirimo akora gitangwa na RDB (Registre de Commerce).
5. Icyemezo cyo kutabamo umwenda w'imisoro ya leta gitangwa na RRA (attestation de non cleance) kiriho umukono wa noteri wa leta kandi kitarengeje igihe.
6. Icyemezo gitangwa na RSSB cyerekana ko atabereyemo umwenda icyo kigo kiriho umukono wa noteri wemewe na Leta kandi kitarengeje igihe.
7. Kugira konti muri Bank izwi mu Rwanda kandi yanditse mu mazina ya company yaje gupiganira isoko yazishyurwaho.
8. Kugaragaza ibyangombwa bitatu by'ubuhamya by'aho yakoze imirimo isa niyo apiganira bitarengeje imyaka ibiri.
9. Kugaragaza izindi konti company ifite muzindi banks
10. Kugaragaza amazina n'imikono by'abasinyateri ba konti ya company.
11. Kuba yemera kwishyurwa hakoreshejwe O.P (Ordre de payment)
12. Kuba rwiyemezamirimo atanga inyemeza bwishyu ya EBM (Electronic billing machine)
13. Photocopy y'indangamuntu cyangwa ikiyisimbura cy'uwapiganwe cyangwa uhagarariye company yapiganwe.
14. Kugaragaza borudero (bordereau) yishyuriyeho amafaranga ibihumbi Bitanu (**5,000frw**) adasubizwa yo kugura igitabo gikubiyemo amabwiriza agenga iri soko(DAO), aya mafaranga agashyirwa kuri konte **N° 4604331101** iri mu mazina EAR PAROISSE NYABINONI iri muri **BANKI Y'ABATURAGE (BPR).**

Kwakira amabaruwa y'abapiganwa bizarangira kuwa **20/05/2026 saa tanu zuzuye 11h00** z'amanywa. Uwo munsi satanu zuzuye(**11h00**) amabaruwa ahite afungurwa mu ruhame mu cyumba cya paruwasi EAR NYABINONI aho umushinga ukorera. Amabaruwa azarenza isaha yavuzwe haruguru ntabwo azakirwa. Ukeneye ibindi bisobanuro yabariza ku mushinga mu masaha y'akazi cyangwa agahamagara kuri nimero **0785818214/0783006204.**

**Bikorewe I NYABINONI kuwa 06/05/2026**

**Umuyobozi wa paruwasi EAR NYABINONI:REV. Pastor HABIRORA SIMON**

## ITANGAZO RY'ISOKO

Republic of Rwanda
Ministry of Health

HUYE ISANGE
REHABILITATION CENTRE

**AVIS D'APPEL D'OFFRES (AAO)**

**Appel d'Offres n°012/PR. A/2025-2026/HIRC**

1. Huye Isange Rehabilitation Center lance un avis d'appel d'offre pour le Marché de fourniture annuelle des produits alimentaires pour les patients hospitalisés pour lequel cet Avis d'Appel d'Offres est publié.
2. Huye Isange Rehabilitation Center sollicite des offres de la part des soumissionnaires éligibles et répondant aux qualifications requises pour fournir ces produits alimentaires.
3. Les Dossiers d'Appel d'Offres rédigés en français peuvent être obtenus à Huye Isange Rehabilitation Center sur présentation d'un bordereau de paiement d'un montant non remboursable de dix mille francs Rwandais(10.000Frw) versé sur le compte N°0004000653840-04 ouvert à la Banque de Kigali (BK).
4. Les Dossiers d'Appel d'Offres peuvent être obtenus pendant les jours ouvrables au Centre Huye Isange Rehabilitation, Bureau de Réception à partir du 18/05/2026 pendant les heures du travail.
5. Les offres doivent comprendre une garantie de l'offre d'un montant de deux million quatre cent mille francs Rwandais(2,400,000Frw).
6. Toute demande d'information relative au présent appel d'offres doit être adressée au Directeur du Centre Isange Rehabilitation, BP : 564, Butare.
7. Les offres bien dactylographiées, doivent être remises sous plis scellés et présentés en 3 copies dont un original au Centre Huye Isange Rehabilitation, bureau du chargé de Réception à l'adresse mentionnée ci-dessus au plus tard le 15/06/2026 à 10h30' précises heures locales. Les offres remises en retard seront rejetées.
8. L'ouverture des offres aura lieu ce même date en présence des soumissionnaires ou de leurs représentants souhaitant y assister à 11h00' précise heures locales.

Fait à Huye, le 13/05/2026

Dr Patrick RWAGATARE

Directeur de Huye Isange Rehabilitation Center

TEL: (+250) 784 822 801 E-mail: info@huyeisangerhb.rw Website: www.huyeisangerhb.rw P.O Box: 564 BUTARE

# Kigali: Ibitaramo by'umuco ngarukakwezi byanejeje ababyitabiriye


Mu kurinda umuco gucika, itorero Indatirwabahizi ritoza abana kujya mu ngamba


Nzayisenga Sophie yizihiye abamuroraga


Hagaragajwe uko Abanyarwanda bengaga ibitoki


Abanyamahanga bishimiye kureba imbyino gakondo z'u Rwanda n'umuco muri rusange

MUTETERAZINA Shifah

***Itorero indatirwabahizi ry'Umujyi wa Kigali ku bufatanye n'Umujyi wa Kigali batangije ibitaramo ngarukakwezi bitishyuza muri gahunda yo guhindura Kigali igicumbi cy'imyidagaduro ishingiye ku muco, kandi byanejeje ababyitabiriye.***

Ni ibitaramo byabimburiwe n'icyabaye mu ijoro ry'itariki 15 Gicurasi 2026, aho cyaranzwe no kubyina indirimbo zitandukanye zibyinirwa mu itorero zigaruka ku muco gakondo, gucuranga inanga yacuranzwe n'umukirigitananga Nzayisenga Sophie.

Mu bandi bataramye harimo itsinda ry'abapansiyone ryaririmbye zimwe mu ndirimbo zizwi nka karahanyuze, abana bakiri bato bavuze ibigwi by'u Rwanda n'inkomoko ya Kigali n'andi matsinda yakoze imyiyereko irimo ibigezweho.

Mu kiganiro na Imvaho Nshya umuvugizi w'Umujyi wa Kigali, Emma Claudine Ntirenganya yavuze ko impamvu yo gutegura ibitaramo bya 'Kigali dutarame' bitishyuza ari mu rwego rwo kugira ngo abantu b'ingeri zose bisangemo.

Yagize ati: "Twatangiranye n'igitaramo 'Kigali Dutarame' cyishyuza ariko ntabwo twajya duhora dukora ibitaramo byishyuza gusa kubera dutegura gahunda z'Umujyi cyane cyane izijyanye n'umuco dutegurira abantu bose kandi icyo twifuza cyane ni uko Kigali ihinduka umujyi w'umuco."

Akomeza agira ati: "Twifuza ko abatembera n'abatuye Umujyi wa Kigali cyane cyane abanyamahanga bajya bagira ahantu bajya bakabona ndetse bakiga umuco wacu, ari yo mpamvu nyamukuru y'ibyo bitaramo."

Bamwe mu bitabiriye ibyo bitaramo bavuga ko baje batabiteguye ariko mu by'ukuri bamaze kubigeramo bizihiwe bakananirwa gukomeza nkuko bisobanurwa na Tuyisenge Fabrice.

Ati: "Nk'umusore nari ngiye gushaka aho mfata kamwe ngo mbe nduhuka mu mutwe kuko icyumweru kiba ari cyose, nkirimo gushakisha aho njya na bo tujyana mba nyuze hano muri 'car free zone' nsanga hagezweho abanyamideri mbona ni byiza ndahaguma kandi nanezerewe pe ahubwo ibitaramo nk'ibi bijye bihoraho."

Umutoni Christa yagize ati: "Biratangaje uko nisanze aha hantu, kuko nari mvuye mu Mujyi maze gukora ibyangenzaga nzamuka nje kwicara ngo nduhukeho gato ubundi nkomeze nsanga byashyushye ni ko kuza ariko nahungukiye uko umutobe wakorwaga, ahubwo ntabe ari njye uzongera kuyoberwa aho byabereye."

Umuvugizi w'Umujyi wa Kigali akomeza avuga ko impamvu batibanda gusa ku muco ahubwo bakavangamo n'imbyino zigezweho, kumurika imideri n'ibindi kugira ngo abakiri bato babyibonemo.

Ati: "Muri gahunda yo kubakundisha umuco bisaba ko bihera ku bana nkuko byagaragaye ku bana babyinnye bakanavuga imivugo, ikindi n'abatari abana ariko batamenyereye iby'umuco nyarwanda twabishyize aho bababibona banitambukira hari ubwo uhahagarara umwanya muto ukabona biryoshye ugahita ubikunda."

Biteganyijwe ko ibitaramo ngarukakwezi bizajya biba buri wa Gatanu wa nyuma w'ukwezi kandi bikaba biteganyijwe ko bizajya bigera hirya no hino mu bice bigize Umujyi wa Kigali.

# APR FC yegukanye igikombe cya Shampiyona ku nshuro ya 7 yikurikiranya

Shema Ivan

***Ikipe ya APR FC yegukanye Igikombe cya Shampiyona y'u Rwanda ku nshuro ya karindwi yikurikiranya nyuma y'uko Kiyovu Sports inaniwe gutsinda AS Muhanga bakanganya igitego 1-1. Uyu mukino w'Umunsi wa 32 wa Shampiyona wabereye kuri Kigali Pele Stadium, kuri uyu wa Gatandatu, tariki ya 16 Gicurasi 2026.***



**APR FC yegukanye igikombe cya Shampiyona ku nshuro ya karindwi yikurikiranya**

Wari umukino ukomeye hagati y'impande zombi aho AS Muhanga yashakaga amanota yo gukomeza kugira icyizere cyo kuguma mu Cyiciro cya mbere mu gihe Kiyovu Sports yifuza gufasha umwanya wa Kabiri. Igice cya mbere cyarangiye amakipe yombi anganyije ubusa busa.

Mu gice Kiyovu Sports yagarukanye imbaraga maze ku munota wa wa 63, Sandja yatsinze igitego cyiza ku ishoti yatereye hanze y'urubuga rw'amahina, Umunyezamu Hategekimana Bonheur wa AS Muhanga arirambura ntiyawukoraho ujya mu rushundura.

Ibyishimo by'abakunzi ba Kiyovu Sports ntibyamaze Kabiri ku munota wa 77 ' Onesme Twizerimana yishyuriye AS Muhanga. Nta kindi gitego cyabonetse kugeza umukino urangiye amakipe yombi anganyije igitego 1-1.

Kiyovu Sports yagumye ku mwanya wa gatanu n'amanota 51 inanirwa gufata umwanya wa kane uriho Rayon Sports y'amanota 52. Ni mu gihe AS Muhanga yagize amanota 28 ku mwanya wa 17.

Kunganya kw'amakipe yombi byatumye APR FC yegukana igikombe cya Shampiyona y'u Rwanda ya 2025/26 n'amanota 59, irusha Kiyovu Sports amanota umunani n'arindwi Rayon Sports mu gihe hasigaye imikino ibiri ngo Shampiyona irangire.

Iki gikombe cyabaye icya Karindwi iyi kipe itwaye yikurikiranya ndetse kiba icya 24 yegukanye mu mateka yayo. Indi mikino yakinwe, Etincelles yatsinze Marines FC ibitego 3-2, Mukura VS Inganya na Bugesera ibitego 2-2 mu gihe Police FC yakiriye Al Hilal SC guhera saa kumi n'ebyiri n'Igice.

# *Bwa mbere Kigali Peace Marathon 2026 izakinwa iminsi ibiri*



**Ku nshuro ya mbere, Kigali Peace Marathon igiye gukinwa iminsi ibiri**

SHEMA Ivan

***Ku nshuro ya mbere mu mateka, Irushanwa Mpuzamahanga ry'Amahoro ryo gusiganwa ku Maguru, Kigali International Peace Marathon 2026, rigiye gukinwa mu minsi ibiri. Iri rushanwa ryo gusiganwa ku maguru ritegurwa n'Ishyirahamwe ry'Imikino Ngororamubiri mu Rwanda (RAF) ku bufatanye na Minisiteri ya Siporo, rigiye kuba ku nshuro yaryo ya 21.***

Kigali International Peace Marathon ikinwa mu byiciro bitatu ari byo 'Full Marathon' y'ibilometero 42,195, Half Marathon y'ibilometero 21,097 na Run for Peace [ku batarabigize umwuga] y'ibilometero 10. Abategura iri rushanwa batangaje ko iry'uyu mwaka rizakinwa iminsi ibiri aho tariki ya 13 Kamena 2026, hazakinwa Run for Peace, abarikina bishimisha, mu gihe ku wa 14 Kamena 2026, hazakinwa 'Full Marathon na Half Marathon.

Mu mwaka ushize wa 2025, Umunyarwandakazi Florence Niyonkuru yegukanye umudali wa Zahabu nyuma yo kuba uwa mbere muri Half Marathon. Mu bagabo, Umunyarwanda Bigiramana Theophile yegukanye umudali wa Bronze nyuma yo kuba uwa gatatu muri Half Marathon mu gihe Umunyakenya Njoroge Derrick Chege yegukanye umudali wa Zahabu.

Umunyakenya Laban Korir yongeye kwegukana 'Kigali International Peace Marathon 2025 'mu bagabo naho mu bagore hatsinda Teresiah Omosa na we wo muri Kenya.



**Kigali Peace Marathon igiye gukinwa iminsi ibiri, umukino ukinwa mu byiciro 3**

Imvaho Nshya
# Siporo




Nº. E-60 TARIKI 12-18 GICURSI 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# REG VC yigaranzuye Police VC yegukanye igikombe cya Shampiyona

**SHEMA Ivan**

***REG VC yatsinze Police VC amaseti 3-0 (25-23,25-14, 25-23), yegukana Igikombe cya Shampiyona ya Volleyball mu Bagabo nyuma kuzuza intsinzi ya gatatu yasabwa. Uyu mukino wa gatanu mu nyuma ya Kamarampaka wabereye kuri Stade petit Stade kuri iki Cyumweru, tariki 17 Gicurasi 2026.***




**REG VC yegukanye igikombe cya Shampiyona ya 2025/26**

Wari umukino ukomeye hagati y'impande zombi, amakipe yombi yanganya intsinzi ebyiri kuri ebyiri, buri kipe isabwa gutsinda ikegukana igikombe cya Shampiyona ya 2025/26. Ni umukino watangiye wegeranye cyane nta kipe n'imwe ishyiramo ikinyuranyo kirenze amanota abiri.

Mu minota ya nyuma, REG VC yongereye ikinyuranyo cy'amanota birangira yegukanye iyi seti ku manota 25-23. Iyi kipe ya Sosiyete y'u Rwanda ishinzwe Ingufu yakomerejeho mu iseti ya kabiri bidatsinze iyegukana ku manota 25-14.

Mu iseti ya gatatu, ikipe ya REG VC yakomeje gukina neza itsinda amanota menshi, Police VC yagerageje kuyigora, ariko birangira iyi kipe ya Sosiyete y'u Rwanda ishinzwe ingufu iyitsinze ku manota 25-23.

Umukino warangiye REG VC yatsinze Police VC amaseti 3-0, yegukana igikombe cya Shampiyona cya 2025/26, kiba icya kabiri itwaye mu mateka.

Ikipe ya Sosiyete y'Igihugu ishinzwe Ingufu yatsinzwe imikino ibiri ya mbere, ariko birangiye yigaranzuye iya Polisi y'Igihugu.

Aya makipe yombi yahise anabona itike yo kuzasohokera u Rwanda mu mikino ya 'African Volleyball Clubs Champions Championship', rihuza amakipe yo muri Afurika yabaye aya mbere iwayo.

Mu bakinnyi bitwaye neza muri uyu mwaka harimo Sibomana Placide wabaye utanga imipira mwiza 'Best Server', Gisubizo Merci aba uwakira imipira mwiza 'Best Receiver', Ntanteteri Crispin aba ufasha bagenzi be gutsinda 'Best Setter'.

Matui Nicholas yabaye usatira mwiza 'Best Attacker', Twagirayezu Emmy aba uhagarika imipira neza 'Best Blocker', Niyigena Jules aba 'Best Libero'. Umukinnyi mwiza w'irushanwa 'MVP' ni Matui Nicholas.

Igikombe cya Shampiyona mu bagore cyamaze kwegukanwa na APR WVC yatsinze Kepler WVC mu mikino itatu ya mbere ya kamarampaka.



**Xabi Alonso yagizwe Umutoza mushya wa Chelsea**

# Xabi Alonso yagizwe Umutoza mushya wa Chelsea

**SHEMA Ivan**

***Umudage Xabi Alonso yagizwe Umutoza Mukuru wa Chelsea yo mu Bwongereza, asinya amasezerano y'imyaka ine.***

Uyu mutoza yatangajwe kuri iki Cyumweru, tariki ya 17 Gicurasi 2026, binyuze ku mbuga nkoranyambaga z'iyi kipe.

Yagize iti "Umwe mu banyacyubahiro muri ruhago igezweho, Alonso yageze muri Chelsea nyuma y'ubunararibonye mu gutoza amakipe yo ku rwego rwo hejuru i Burayi, nka Real Madrid na Bayer Leverkusen yahesheje Igikombe cya Shampiyona bwa mbere mu mateka."

Iyi kipe yongeyeho ko ibonye umutoza mwiza uzayifasha mu rugendo rushya ishaka kwerekezamo, kuko atazaba ari umutoza gusa ahubwo azaba ari n'umuyobozi.

Nyuma yo kugirwa umutoza, Xabi Alonso yatangaje ko bimushimishije kuba agiye gutoza Chelsea kuko ari imwe mu makipe akomeye ku Isi.

Ati: "Ni imwe mu makipe akomeye ku Isi mu mupira w'amaguru", ndetse yishimiye kuba umwe mu bagiye kuyifasha kwandika amateka.

Nganira n'ubuyobozi bw'ikipe, byari bisobanutse kuko twese dufite intego zimwe. Turashaka kubaka ikipe igomba guhatana bihoraho ndetse ikarwanira ibikombe. Mu ikipe harimo impano zitangaje, ubu intego ni ugukora cyane."

Xabi Alonso asimbuye Umwongereza, Liam Rosenior wirukanywe muri Mata 2026 kubera umusaruro mubi.

Biteganyijwe ko Alonso azatangira akazi tariki ya 1 Nyakanga 2026.